# IMBUMBANYIGISHO IKUBIYEMO UBUTUMWA BW'INGENZI BWO GUKEMURA IBIBAZO BISHINGIYE KU BURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

## IGENEWE AMASHURI NDERABAREZI N'AY'IMENYEREZAMWUGA MU RWANDA

Copyright
© 2022 Rwanda Basic Education Board/ SPIU
All rights reserved.

# IRIBURIRO

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa kibi cyose gikorewe umuntu hashingiwe ku gitsina. N'ubwo buri muntu ashobora gukorerwa ihohoterwa, abagore n'abakobwa ni bo bibasirwa. Iryo hohoterwa ni kimwe mu bibazo bibangamiye umuryango nyarwanda bifite imizi mu miyoborere mibi, mu busumbane bushingiye ku bitsina no kutagira indangagaciro zo kubaha uburenganzira bwa muntu.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni imbogamizi ku butabera, iterambere rirambye, ubukungu n'umutekano muri rusange. U Rwanda rwashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga n'ay' akarere ruherereyemo aharanira uburenganzira bw'umugore. Urugero: Amasezerano ya Maputo yo mu 2003, amategeko asaba Leta nyafurika guhagurukira kurwanya ihohoterwa rya hato na hato rikorerwa abagore n'abakobwa muri Afurika.

U Rwanda nanone rwasinye amasezerano ya ECOWAS yo mu Kuboza 2018 hagamijwe gushyiraho politiki na gahunda zifasha umugore kwiteza imbere mu bukungu, imibereho myiza n'umuco.

Leta y'u Rwanda yafashe ingamba zikomeye zigamije gukemura ihohoterwa rishingiye ku gitsina ishyiraho amategeko na politiki byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Guhera mu mwaka wa 2008, ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryashyizwe mu byaha bihanwa n'amategeko mu Rwanda nk'uko bigaragara mu itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018.

Byongeye kandi, hari ibihano biteganyirizwa abatita ku bana, abafata ku ngufu abo bashakanye, abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gutoteza abo bashakanye.

Amategeko n'ingamba byubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye byashyizweho kugira ngo harandurwe burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina aho ryaba riri hose.

Hashyizweho ikigo k'igihugu gishinzwe ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gutanga ubujyanama (Isange One Stop Center). Icyo kigo gifite amashami mu gihugu hose kugira ngo abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'abana bahohotewe bahererwe hamwe serivisi bakeneye zose.

N'ubwo bwose izi ngamba zashyizweho, haracyari imbogamizi zijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina nko guhishira abahohotewe, gusibanganya ibimenyetso cyanecyane mu gihe habaye ihohoterwa rishingiye ku gitsina, guhohotera abana, gutera inda abangavu no kwikubira umutungo. Niyo mpamvu, urwego rw'igihugu rushinzwe uburezi bw'ibanze (REB) rwashyizeho iyi mbumbanyigisho ikubiyemo ubutumwa bw'ingenzi bwo gukemura ibibazo bishamikiye ku buringanire n'ubwuzuzanye, ikaba igenewe amashuri nderabarezi n'ay'imenyerezamwuga mu Rwanda.

Iyi mbumbamasomo izafasha mu gukumira ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bigaragara mu bigo by'amashuri no mu muryango nyarwanda muri rusange.

Turasaba abantu bose bazasoma n'abazakoresha iyi mbumbanyigisho gutanga ibitekerezo byatuma irushaho kunogera abo igenewe.

Dr. MBARUSHIMANA Nelson

Director General/REB

RWANDA BASIC EDUCATION BOARD (REB)

# GUSHIMIRA

Turashimira abantu bose bagize uruhare mu gutunganya iyi mbumbanyigisho ku buringanire n'ubwuzuzanye igenewe amashuri y'inderabarezi n'ay'imenyerezamwuga mu Rwanda.

Turashimira nanone inzego z'ubuyobozi n'ibigo bikurikira: Minisiteri y'Uburezi (NINEDUC), Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umugore (MIGEPROF), Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry' uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'Igihugu (GMO), FAWE Rwanda, IEE Rwanda, LWD, H&I, VVOB, abakozi ba REB/SPIU, Kaminuza y'u Rwanda, Ishuri nderabarezi rya Save, Inyange Girls' School, abarimu bo mu ishuri ribanza rya Ruramira kubera uruhare rwabo rukomeye mu kwandika no gukosora iyi mbumbanyigisho.

Ntitwasoza tudashimiye abafatanyabikorwa bose badufashize mu buryo bunyuranye kugeza iyi mbumbanyigisho yuzuye.

Mr. SHYAKA Emmanuel

SPIU Coordinator/REB

# IBIRIMO


IRIBURIRO.......................................................................................................... iii
GUSHIMIRA......................................................................................................... v
INTANGIRIRO ...................................................................................................... 1
INTEGO................................................................................................................ 5

**INSANGANYAMATSIKO YA 1: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU.........7**

Ingingo ya I: Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi nk'umusingi w'uburenganzira bwa muntu..........................................................8

Ikiganiro cya 1: Uburenganzira bwo kwiga ..................................................8

Ikiganiro cya 2: Uburenganzira bungana ku umutungo wasizwe n'ababyeyi.................................................... 10

Ikiganiro cya 3: Igabana ry'imirimo hagati y'abahungu n'abakobwa........... 12

Ikiganiro cya 4: Kuba ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye nk'itegeko ry'ibanze.............................................................. 14

Ingingo ya II: Uburinganire n'ubwuzuzanye n' agaciro ka muntu ........................ 16

Ikiganiro cya 5: Abana bo mu muhanda ................................................ 16

Ikiganiro cya 6: Icuruzwa ry'abantu ...................................................... 18

**INSANGANYAMATSIKO YA 2: IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA ..................................................................... 21**

Intangiriro ...............................................................................................21

Ikiganiro cya 7: Amakuru y'ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango ................................ 21

Ingingo ya 1: Ihohoterwa rikorerwa mu miryango.............................................. 21

Ikiganiro cya 8: Amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango ............................................................... 23

Ikiganiro cya 9: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango .......................................... 25

Ikiganiro cya 10: Ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango ............................................ 26

Ikiganiro cya 11: Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango ................................ 28

Ingingo ya II: ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ............... 30

Ikiganiro cya 12: Amakuru y'ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri..................................... 30

Ikiganiro cya 13: ubwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.................................................................. 32

Ikiganiro cya 14: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ............................................... 33

Ikiganiro cya 15: Ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ................................................................ 35

Ikiganiro cya 16: Uburyo bwo kwirinda no gukemura ibibazo biterwa n' ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.................................................................. 37

**INSANGANYAMATSIKO YA 3: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'UBUZIMA BW'IMYORORORKERE ............................................................. 39**

Ingingo ya I: Urwungano rw' imyanya myibarukiro y'abahungu n'abakobwa ... 39

Ikiganiro cya 17: Imihindagurikire y'umubiri ku bahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu ....................................... 40

Ikiganiro cya 18: Impinduka z'imikorere y'umubiri w'abahungu nuw'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu........ 42

Ikiganiro cya 19: Impinduka z'imitekerereze n'ibyiyumvo biganisha ku mibereho myiza y'abahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu ............................................. 44

Ikiganiro cya 20: Ubuzima bw' imyororokere ............................................ 47

Ingingo ya II: Inda z'imburagihe ziterwa abana n'abangavu ................................. 49

Ikiganiro cya 21: Impamvu abangavu baterwa inda z' imburagihe ............. 50

Ikiganiro cya 22: Ingaruka z'inda z'imburagihe ziterwa abana n' abangavu ................................................................. 52

Ikiganiro cya 23: Gukumira inda z'imburagihe no kwita ku bangavu bazitwaye.................................................................. 53

Ingingo ya III: indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera Sida ........ 55

Ikiganiro cya 24: Dusobanukirwe indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, impamvu zizitera n'ingaruka zazo ........ 56

Ikiganiro cya 25: Gukumira, guhangana no kumenya kubana n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera Sida ........ 58

Ikiganiro cya 26: Ihezwa n'itotezwa ry'abafite agakoko gatera Sida ........ 61

ngingo ya IV: Imyitwarire y'abangavu n'ingimbi iganisha kubikorwa byateza ibyago ........ 64

Ikiganiro cya 27: Ibisindisha n'ikoreshwa ry'ibintu bifite ingaruka ku buzima 64

Ikiganiro cya 28: Imyitwarire iteye impungenge mu rubyiruko ........ 66

Ikiganiro cya 29: Ingaruka z' imyitwarire idahwitse mu rubyiruko ........ 68

Ingingo ya V: Kumenya kwibeshaho no kwisobanura ........ 70

Ikiganiro cya 30: Uburyo bwo kuganira no kwisobanura ........ 71

Ikiganiro cya 31: Kwisobanura ushize amanga ........ 73

Ikiganiro cya 32: Uburyo bwo gukemura ibibazo no kumenya uko wasaba icyo ushaka ........ 75

Ikiganiro cya 33: Ubumenyi mbonerabitsina n'ikoreshwa ry' imbuga nkoranyambaga ........ 78

Ikiganiro cya 34: Bumwe mu buryo bwo kwikemurira ikibazo bwitwa STAR mu magambo ahinnye y'Icyongereza ........ 80

Ikiganiro cya 35 : Gutegura ejo hazaza ........ 82

**INSANGANYAMATSIKO YA 5: IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE YITA KU IHAME RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE ........ 85**

Ikiganiro cya 36: Imfashanyigisho zita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ........ 85

Ikiganiro cya 37: Gutegura amasomo wita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ........ 88

Ikiganiro cya 38: Gukoresha imvugo ikwiye yita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ishuri ........ 89

Ikiganiro cya 39: Imiterere y'icyumba k'ishuri cyubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe k'imyigire n'imyigishirize ........ 91
Ikiganiro cya 40: Imyigire n'imyigishirize mu cyumba k'ishuri cy'ubahiriza amahame y'uburinganire ........ 93
Ikiganiro cya 41: Imiyoborere y' amashuri yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye ........ 95
Ikiganiro cya 42: Indangagaciro zimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ........ 97

INSANGANYAMATSIKO YA 5: GUCUNGA ICYUMBA CY'UMUKOBWA NO GUKEMURA IBIBAZO BIREBANA N'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE ........ 101

Ingingo ya I: Icyumba cy'umukobwa ........ 101
Ikiganiro cya 43 : Akamaro k'icyumba cy'umukobwa ........ 102
IKIGANIRO 44: Kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri ........ 103
Ikiganiro 45: Aho icyumba cy'umukobwa kigomba kuba kiri ku ishuri ..... 105
Ikiganiro cya 46: Ibipimo ngenderwaho by'icyumba cy'umukobwa ........ 107
Ikiganiro cya 47: Ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa ........ 109

Ingingo ya II: Ushinzwe icyumba cy'umukobwa ........ 112
Ikiganiro cya 48: Ibiranga umuntu ushinzwe icyumba cy' umukobwa ...... 112
Ikiganiro cya 49: Inshingano z' umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa 114

Ingingo ya III: Isuku mu gihe umukobwa ari mu mihango ........ 116
Ikiganiro cya 50: Isuku y'umuntu ku giti ke ........ 116
Ikiganiro cya 51: Isuku y' ibikoresho byo mu cyumba cy' umukobwa ...... 118

IBITABO BYIFASHISHIJWE ........ 121

# INTANGIRIRO

## IMVANO YO GUTEGURA IYI MBUMBANYIGISHO

Umuryango Nyarwanda waranzwe n'imibereho y'abakurambere ishingiye ku mibanire itubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n' abakobwa. Ibi byaheshaga abagabo kuba abatware b'abagore. Ubusumbane bushingiye ku gitsina ntibwafatwaga nk' akarengane, ahubwo byari ibintu bisanzwe mu muryango.

Mu gihe cy' ubukoroni, ubusumbane hagati y' abagabo n' abagore bwariyongereye. Urugero, impinduka zabayeho zigatuma habaho ubukungu bushingiye ku mafaranga, guhemberwa akazi wakoze n' amashuri wize zatumye umugore asumbwa cyane n'umugabo mu nzego zinyuranye. By' umwihariko, izo mpinduka zatumye umugore atakaza ubushobozi bwo gukora imirimo ihemberwa n' uburenganzira bwo kugira uruhare mu iterambere.

Mu mateka y' u Rwanda, hari ingero nyinshi zigaragaza ko umugore yagize uruhare rukomeye mu muryango Nyarwanda, hakanagaragara ibimenyetso byerekana uko umuco Nyarwanda wemera uruhare rw' umugore mu iterambere rusange. Nk'urugero abagore bagize uruhare runini mu gucunga umutungo w'urugo kandi bagira uruhare mu gufata ibyemezo mu nzego zitandukanye (National gender policy, 2010).

Politiki n' imiyoborere y' u Rwanda ya nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi n'inama y' isi y' abagore yabereye Beijing mu Bushinwa mu 1995 byagize uruhare rugaragara mu mpinduka zikomeye muri sosiyete Nyarwanda. Hari impinduka ebyiri zikomeye zabaye mu guhugu arizo:

Iya mbere: Kubaka igihugu no gusana imitima y' abagituye hifashishijwe uruhare rw' abagore.

Iya kabiri: Imyanzuro y' inama ya Beijing yashishikarije abanyarwandakazi gutinyuka kujya mu nzego zifata ibyemezo, cyane cyane inzego zo hejuru za Leta.

U Rwanda rwemeje amasezerano n' amatangazo mpuzamahanga n' ay'akarere ruherereyemo, kandi ruba umunyamuryango w' imiryango nka CEDAW, MDGs, NEPAD, COMESA n' indi.

Iyo miryango yose yerekana ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye nk' inzira y' ingenzi mu iterambere rirambye.

Mu gusinya amasezerano mpuzamahanga yo kurwanya ivangura iryo ariryo ryose rikorerwa igitsina gore muri 1981, no kwitabira inama mpuzamahanga ku miturire

n’ iterambere (ICPD) mu 1994, u Rwanda rwafashe ingamba zigamije kurwanya ibikorwa byose byerekeza ku ivangura iryo aririyo ryose rikorerwa abagore, guhindura amategeko, amabwiriza n’ ibikorwa byose biganisha ku ivangura rikorerwa igitsina gore.

Kimwe n’ ibindi bihugu, u Rwanda rwiyemeje gutera intambwe kugira ngo rugere kubyo rwiyemeje birebana no guteza imbere ishyirwa mu bikorwa ry’ ihame ry’ uburinganire n’ ubwuzuzanye nk’ uko byemejwe n’ imiryango n’ inama zitandukanye.

## IBYAGEZWEHO BY’INGENZI MU BURINGANIRE NO GUHA IMBARAGA ABAGORE

Mu rwego rw’uburinganire no guha umugore agaciro, u Rwanda rwageze kuri byinshi bitangaje bishingiye ku mikorere myiza harimo ibi bikurikira:

### 1. Kugabanya ubukene

GuverinOma y’u Rwanda yiyemeje gushyira uburinganire n’ubwuzuzanye muri politiki no mu igenamigambi ry’igihugu. Mu cyerecyezo 2020,mu iterambere ry’ubukungu n’ingamba zo kugabanya ubukene (Economic Development and Poverty Reduction Strategy) [EDPRS].Uburinganire n’ubwuzuzanye bwagaragajwe nk’ingingo yo kwitabwaho mu nzego zose.

Ikiyongera kuri ibyo kandi,umushinga w’ingengo y’imari ugamije kwita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye watangijwe na Minisiteri y’imari ku bufatanye na Minisiteri y’uburinganire n’iterambere ry’umuryango hemezwa ingengo y’imari igenerwa ibikorwa bya leta byita ku buringanire .

### 2. Kugera ku burezi

Uburezi bw’ibanze bw’imyaka icyenda bufasha buri wese kugera ku burezi yaba abakobwa cyangwa abahungu. Ministeri y’uburezi yashyizeho politiki y’uburezi bw’umwana w’umukobwa n’igenamigambi ryayo mu rwego rwo gufasha abakobwa n’abagore kwitabira kujya mu ishuri ,kurigumamo no gutsinda mu byiciro byose by’uburezi.Imbaraga zashyizwe cyane mu burezi bw’umwana w’umukobwa mu bumenyi n’ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego hashyizweho ibikorwa byiza byo gushyigikira imyigire y’abakobwa harimo amashuri y’abakobwa (FAWE Girls’schools),ndetse n’ibihembo ku bana b’abakobwa bitwaye neza mu mitsindire. Mu gushyigikira ubumenyi n’ikoranabuhanga hashyizweho imashini imwe ku mwana (One Laptop per Child) [OLPC] ku buryo abana b’abakobwa n’abahungu bakoresha mudasobwa na interineti mu kuzamura (guteza imbere )imyigire n’ubushakashatsi bifashishije interineti n’izindi porogaramu ziri muri mudasobwa.

## 3. Kugera ku buzima

Hashyizweho abajyanama b'ubuzima mu gihugu hose bashinzwe gukangurira abaturage bose ibikorwa n'ubuzima no gukurikirana uburyo bishyirwa mu bikorwa. Hashyizweho kandi ubwisungane mu kwivuza ku baturage bose na politiki y'ubuzima bw'imyororekere. Hakorwa kandi buri gihe ubushakashatsi ku buzima n'imibereho y'abaturage .

## 4. Kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa

Dore ibyagezweho mu rwego rwo guca ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

- Hashyizweho ikigo cya Isange kugirango gifashe abakorewe ihohoterwa rishyingiye ku gitsina kwivuza, bafashwe mu rwego rw'ubujyanama, urw'amategeko, n'ibindi.
- Hashyizweho ingamba z'igihugu zishamikiye ku myanzuro 1325 y'akanama k'umuryango w'abibumbye gashinzwe umutekano ku isi.
- Hashyizweho itegeko rikumira rikanahana ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Hashyizweho itegeko ryimakaza ihame ry'uburinganire hanavanwaho amategeko atimakaza atimakaza ihame ry'uburinganiregururwa ( aheza).
- Kuva ku nzego zo hasi kugera ku rwego rw'igihugu hashyizweho komite zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kurengera abana.
- Muri polisi y'igihugu, mu ngabo z'u Rwanda, no mu rwego rw'igihugu rw'ubugenza cyaha hashyizwemo agashami gashinzwe kwita ku ihame ry'uburinganire.
- Muri polisi y'igihugu, mu ngabo z'u Rwanda, no mu rwego rw'igihugu rw'ubugenza cyaha hashyizwemo imirongo itishyuzwa ifasha abantu guhamagara ku buntu.
- Hashyinzwe umuryango w'abagabo (ihuriro ry'abagabo) uharanira gukora ubukangurambaga mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane cyane irikorerwa abagore n'abakobwa.

## 5. Abagore mu iterambere / Abagore n'umutungo / Guha ubushobozi abagore

- Hashyizweho itegeko nimero 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 rigena imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura, rikaba riha umugore n'umugabo uburenganzira bungana bwo kuzungura.
- Hashyizweho itegeko No 08/2005 riha umugore n'umugabo uburenganzira bungana ku butaka.

- Mu 2009 hashyizweho itegeko ry'umurimo.
- Hashyizweho ingamba z'igihugu zo gushakira imirimo (akazi) abagore n'abakobwa.
- Hashyizwe ikigo cy'igihugu cyo kwishingira umugore no kumworohereza kubona inguzanyo
- Muri buri murenge hashyizwemo koperative yo kubitsa no kugurizanya izwi ku izina ry'Umurenge SACCO.
- Hashyizweho koperative yo kubitsa no kugurizanya y'abarimu ( Umwalimu SACCO) kugira ngo yorohereze abarimu bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye kubona inguzanyo ziciriritse.
- Hashyizweho Banki yabaturage kugira ngo izamure abagore n'abakobwa.
- Ihuriro ry'abagore ryitwa "DUTERIMBERE" ryashinze ikigo cy'imari cyo kubitsa no kugurizanya kizwi nka "COOPEDU".
- Mu bikorera (PSF), Hashyizweho ihuriro ry'abagore ba rwiyemezamirimo.

## 6. Mu nzego zifata ibyemezo

U Rwanda ni cyo gihugu cya mbere ku isi gifite umubare munini w'abagore mu nteko ishinga amategeko. 56.25% by'abadepite bayigize ni abagore. Inteko ishingamateko y'u Rwanda iyobowe n'umunyarwandakazi. Mu basenateri bagize Sena y'u Rwanda harimo abagore bangana 35%. Mu abaminisiteri bagize guverinoma harimo abagore bangana na 38% na ho 40% by'abanyamabanga ba Leta muri za minisiteri ni abagore. Mu nzego z'ubutabera ho abagore ni 50% n'ahandi n'ahandi.

## 7. Ibigo bya Leta bishinzwe kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

- Hashyizweho Minisiteri ishinzwe uburinganire n'ubwuzuzanye n'iterambere ry'umuryango (MIGEPROF).
- Hashyizweho ikigo cy'igihugu gishinzwe gukurikirana ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye (GMO).
- Hashyizweho inama y'Igihugu y'abagore (CNF/NWC).

# INTEGO

Iyi mbumbamasomo yateguwe hagamijwe gusobanurira abanyeshuri ibyerekeye ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye n'ibijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri harimo umubare munini w'abanyeshuri b'abakobwa bata ishuri, inda z'imburagihe ziterwa abangavu, imyumvire n'ibyitezwe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri, ubuzima bw'imyororokere n'uburere mbonera bitsina, gusibira n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abakobwa n'abahungu ku ishuri n'uburyo rikwiye gukumirwa.

Hari icyizere ko iki gitabo kizafasha abanyeshuri gusobanukirwa no gukoresha ubutumwa bwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bityo bigakemura bimwe mu bibazo abanyeshuri bahura nabyo. Hitezwe kandi ko mu gihe kitarambiranye ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri rizatanga umusaruro mwiza bityo abanyeshuri bose bakumva bisanzuye mu mashuri azira ihohoterwa iryo ariryo ryose ibi bikazaca ubusumbane hagati y'umuhungu n'umukobwa mu burezi.

Ni byiza guha abanyeshuri biga umwuga w'uburezi ubumenyi buhagije ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kugira ngo bazashobore gusubiza ibyifuzo by'abana bose; abakobwa n'abahungu bityo bakazamura impano, ubushobozi n'ubuhanga bwabo nta vangura iryo ariryo ryose.

Iyi mbumba masomo ikozwe nyuma yo kumenya ko hari ubusumbane mu mashuri hagati y'abanyeshuri b'abakobwa n'abahungu. Izakoreshwa muri za kilabu (clubs) hagamijwe gusobanukirwa ubutumwa bujyanye n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu burezi. Abanyeshuri bazagira uruhare mu gusakaza ubutumwa bwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse bazanafasha mu gukemura ibibazo by' ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mashuri n'aho batuye.

INSANGANYAMATSIKO YA: 1

# UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU

**Uburinganire n'ubwuzuzanye** ni inshingano zishingiye ku muco n'imibanire zigenerwa abantu hakurikijwe igitsina runaka; naho **uburenganzira bwa muntu** ni uburenganzira umuntu wese agira hatitawe ku gihugu, aho atuye, igitsina, akarere cyangwa ubwoko akomokamo, ibara ry'uruhu, idini, ururimi cyangwa indi miterere iyo ari yo yose.

Igitsina gore kiracyagenerwa inshingano zo kwita ku bana no gukora imirimo myinshi yo mu rugo idahemberwa. Ibi bikomeza gufatwa nk'ukuri hatitawe ku mashuri bize. Iki kibazo cy'ubusumbane bushingiye ku gitsina giha agaciro kanini abagabo ugereranyije n'abagore by'umwihariko mu burezi. Urugero: mu mashuri yisumbuye, abanyeshuri b'abahungu 55% baguma mu ishuri mu gihe abakobwa bagumamo ari 45% *(Gender policy,2020)*.

Abagore bazi gusoma no kwandika bari ku kigereranyo cya 65% mu gihe abagabo bo bari ku kigereranyo cya 72% *( Gender equality strategy: UNDP Rwanda, 2019_2022)*. Ibi bikomeza kubera imbogamizi abagore n'abakobwa bari basanzwe bahabwa amahirwe make yo kugera ku mitungo, guhanga no gucunga imishinga iciriritse no kugira uruhare mu gufata ibyemezo. Hiyongeraho kandi ko ikinyuranyo kinini kiri hagati y'abagabo n'abagore batazi gusoma no kwandika giteza imbogamizi zo kumenya amategeko yimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Muri iyi nsanganyamatsiko tuhasanga ingingo enye zigabanyijje mu biganiro birindwi. Buri kiganiro gitangizwa n'inkuru ifasha abanyeshuri gusobanukirwa neza buri ngingo. Nyuma hari ibibazo byo kuganiraho bishimangira ubumenyi kuri iyo ngingo. Abanyeshuri ubwabo bavana ubutumwa bw'ingenzi muri bya bibazo byo kuganiraho, bukababafasha guhindura imyitwarire mu buryo bwiza.

## Ingingo ya I

## Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi nk'umusingi w'uburenganzira bwa muntu.

Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi ni uburyo bwo gufata kimwe abagore n'abagabo imbere y'amategeko, muri za politiki ndetse no kubaha amahirwe angana yo kugira uburenganzira ku mitungo na serivisi. Aha ni ho abagabo, abagore, abahungu, abakobwa bashingira basaba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa bitaba ibyo bagasaba kurengerwa no kurenganurwa . Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi no kwishyira ukizana ni uburenganzira bwa muntu.

Ingingo ya mbere igizwe n'ibiganiro bibiri.Buri kiganiro gifite intego, inkuru, ibibazo byo kuganiraho,umukino, ubutumwa bw'ingenzi n'umukoro.


## Ikiganiro cya 1: Uburenganzira bwo kwiga

### 1.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gusobanukirwa ko abahungu n'abakobwa bafite uburenganzira bungana bwo kwiga.

### 1.2 Inkuru: Ninde ufite ukuri?

Umuryango wari ufite abana babiri barangije icyiciro rusange. Bagiye gufata amabaruwa abemerera gukomeza amashuri basanga umukobwa yahawe kwiga ubwubatsi naho umuhungu yahawe kwiga kwigisha mu mashuri y'inshuke. Ababyeyi babo babagira inama yo kugurana amasomo bavuga ko kwigisha bikwiriye abakobwa mu gihe ubwubatsi bubereye abahungu. Nyamara buri mwana yari yahawe amasomo yihitiyemo. Abana banze gushyigikira igitekerezo cy'ababyeyi babo. Maze ababyeyi babima amafaranga y'ishuri birangira abana badasubiye kwiga.




## 1.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Abanyeshuri bahuye n'ikihe kibazo?

(ii) Ikibazo cyari cyatewe n'iki?

(iii) Aba bana bari bafite ishingiro mu kwanga gushyigikira igitekerezo cy'ababyeyi babo?

(iv) Mbese ababyeyi bari bafite ukuri kwatuma bafata icyo cyemezo? Sobanura.

(v) Iyo uza kuba umubyeyi wa bariya bana uba warakoze iki?

(vi) Ni izihe ngaruka zatewe n'icyemezo cyafashwe n'abana n'ababyeyi?

(vii) Tanga inama zafasha mu gukumira ingaruka nk'izo.

## 1.4 Umukino

Abanyeshuri bakina bigana abantu barimo gukemura ikibazo cy'abaturage bafite imyumvire mibi ku myigire y'umwana w'umukobwa n'uw'umuhungu.

### Ubutumwa bw'ingenzi :

- Abana bose bafite uburenganzira bungana bwo kwiga.
- Ababyeyi bagomba guha abana babo uburenganzira bwo guhitamo ibyo baziga bijyanye n'ibyifuzo n'ubushobozi bwabo.
- Ababyeyi bagomba kwemerera abana babo gukoresha uburenganzira bwabo.

### 1.5 Umukoro

Niba hari imiryango muturanye ibamo ibikorwa nk' ibyavuzwe mu nkuru, uzayisure uyigire inama ku burenganzira bw'abana bwo kwiga.

Nta nyigisho zigenewe by' umwihariko abahungu cyangwa abakobwa gusa.

## Ikiganiro cya 2: Uburenganzira bungana ku mutungo wasizwe n'ababyeyi

### 2.1 Intego y'ikiganiro

Abanyeshuri bazasobanukirwa ko  abakobwa n'abahungu bagomba kugira uburenganzira bungana ku irage n' izungura.

### 2.2 Inkuru: Uburenganzira ku mutungo

Hari umuryango wabagamo abana babiri umuhungu n'umukobwa. Ababyeyi babo bamaze gupfa, abo bana barerwa n' abo bafitanye isano. Ba bana bamaze gukura, imitungo yose yari yarasizwe n'ababyeyi babo yahawe umuhungu. Umukobwa asabye umugabane we, bamubwira ko nta burenganzira afite ku mitungo y' umuryango we. Bamusobanurira ko nk'umukobwa, azahabwa uburenganzira ku mutungo w' uwo bazashakana. Ibi byaramubabaje ariko arabiceceka.




## 2.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ese umukobwa yari afite uburenganzira bwo gusaba umugabane we? Sobanura.

(ii) Ese byari bikwiye ko uwo mukobwa yimwa umugabane we iwabo?

(iii) Ni ubuhe burenganzira uwo mukobwa yimwe?

(iv) Iyo uza kuba uwo mukobwa, wari gukora iki?

(v) Ni izihe ngaruka kwimwa umugabane bizagira kuri uwo mukobwa?

## 2.4 Umukino

Abanyeshuri bakina bigana abantu bakemura ibibazo bishingiye ku myumvire idahwitse yerekeye itangwa ry'imigabane y'imitungo mu miryango.

**Ubutumwa bw'ingenzi :**

Duharanire ko abakobwa n' abahungu bahabwa uburenganzira bungana ku mutungo w' umuryango wabo.

### 2.5 Umukoro

Mugenzure aho mutuye niba nta kibazo gisa n' icyavuzwe mu nkuru cyaba gihari. Mubaze ababyeyi n' abaturanyi ibyerekeye itegeko ry' irage n' izungura, hanyuma muzabiganirire abandi ubwo muzahura ubutaha.


## Ikiganiro cya 3: Igabana ry'imirimo hagati y'abahungu n'abakobwa

### 3.1 Intego y' ikiganiro

Abanyeshuri bazasobanukirwa uko imirimo yo mu rugo n' inshingano bisaranganywa mu buryo bungana hagati y' abana b' abakobwa n' ab' abahungu.

### 3.2 Inkuru: Ntimukamvunishe

Mbere yo kujya ku ishuri, umwana w' umukobwa n' uw' umuhungu babanza kujya kuvoma. Iyo bavuyeyo, umukobwa ahabwa indi mirimo nko kuhagira abavandimwe be, gusukura ibikoresho byo mu rugo mu gihe musaza we ahita ajya ku ishuri, akahagera kare, akanabona akanya ko gukina. Umukobwa agera ku ishuri yakererewe agasanga isomo rya mbere ryarangiye.




## 3.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Urumva iri saranganya ry' imirimo rikozwe neza? Sobanura.

(ii) Ni izihe ngaruka ririya saragabanya ry' imirimo ryagize ku mukobwa?

(iii) Ni iki wari gukora iyo uza kuba uriya mubyeyi? Kubera iki?

## 3.4 Umukino

Abanyeshuri bakina bitwaye nk' abayobozi bakemura ibibazo by' abaturage bafite imyumvire yo gusumbanya imirimo ihabwa abana b' abakobwa n' ab' abahungu.

**Ubutumwa bw' ingenzi :**

Gira imyumvire ikwiye y' isaranganya ry' imirimo hagati y' abana b' abakobwa n' ab' abahungu.

## 3.5 Umukoro

Mujye mu baturanyi banyu mubaze ibyerekeranye n' imirimo yo mu rugo ihabwa abana b' abakobwa n' ab' abahungu, mugaragaze ingaruka z' iyo mirimo ku myigire n' imitsindire y' abanyeshuri, hanyuma muzabiganire na bagenzi banyu ubutaha.


# Ikiganiro cya 4: Kuba ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye nk'itegeko ry'ibanze

## 4.1 Intego y' ikiganiro

Abanyeshuri bazashobora guteza imbere umuco w' ubwubahane bw' uburinganire n' ubwuzuzanye nk' ihame shingiro

## 4.2 Inkuru: Mureke twese dukine

Itsinda ry' abahungu ryarimo gutoranya abagize ikipe y' umupira w' amaguru. Hanyuma haza itsinda ry' abakobwa risaba ko naryo ryashyirwa muri iyo kipe. Abahungu barabyanze babirukana mu kibuga bavuga ko abakobwa ari abanyantege nke kandi ko batashobora gukina umupira w' amaguru. Ibyo byababaje bamwe muri abo bakobwa biruka bajya ku biro by' umuyobozi w' ishuri kurega abo bahungu. Umuyobozi w' ishuri yahamagaje inama maze abwira ishuri ryose ko amahame y' uburinganire n' ubwuzuzanye agomba kubahirizwa.



## 4.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ese icyemezo abahungu bafashe cyari gikwiye?

(ii) Ese ni ukuri koko ko abakobwa batagira imbaraga kandi batanashobora gukina umupira w' amaguru?

(iii) Sobanura uburenganzira bw' abakobwa bwahutajwe?

(iv) Ubona byari ngombwa ko abakobwa bajyana ikirego ku muyobozi w' ishuri? Sobanura.

(v) Ese iyo abakobwa bataza kuvuga ibyababayeho ingaruka zari kuba izihe?

## 4.4 Umukino

Abanyeshuri bakina nk' aho ari abaturage bakemura ibibazo byerekeranye n' uburenganzira bw' abandi hibandwa ku ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye.

**Ubutumwa bw' ingenzi :**

- Uburenganzira bwawe burangirira aho ubwange butangirira.
- Ibyo utifuza gukorerwa ntukabikorere abandi.
- Niba wifuza kubahwa, nawe ubaha abandi.
- Uburyo bwiza bwo kubahiriza ihame ry' uburenganzira bwa muntu ni uguteza imbere umuco wo kubaha abandi.
- Uburenganzira bwa muntu ni ubwa buri wese.

## 4.5 Umukoro

Muganire n' abo mu yandi matsinda (clubs) ku burenganzira bwa buri wese, hanyuma ubutaha muzaganirire abandi ibyo mwagezeho.

## Ingingo ya II — Uburinganire n'ubwuzuzanye n' agaciro ka muntu

Agaciro k'umuntu kagaragazwa n'uko yuzuza inshingano ze. Mu bimufasha kuzuza inshingano ze harimo umurimo utuma abona ibimutunga n'umuryango we. Ihame ry'uburinganire ntirireba igitsina gore gusa ahubwo rireba abagore, abagabo, abahungu n'abakobwa kandi rikubahiriza ubumuntu.

Iryo hame rifasha kubaka umuryango mwiza wubahiriza uburenganzira bwa buri muntu n'agaciro ke. Bimwe mu bikorwa bibangamira ihame ry'uburinganire ni iyicarubozo, gufata ku ngufu, guhezwa, gukoreshwa imirimo ku gahato, gukoresha umuntu bugwate mu buraya, ubucakara n'ibindi.

# Ikiganiro cya 5: Abana bo mu muhanda

### 5.1 Intego y'ikiganiro

Gufasha abakobwa n'abahungu kumenya ko agaciro k'umuntu ari inkingi y'ingenzi mu buzima bwabo.

### 5.2 Inkuru: Umwana ni nk'undi

Umukobwa yatewe inda, abyara umwana w'umuhungu.Nyuma yaje gushyingirwa. Hashize igihe umugabo we aramubwira ati: "Ntabwo nshaka uyu muhungu wawe mu rugo rwanjye ; nibura iyo uza kuba warabyaye umukobwa". Kuva ubwo uwo mugabo atangira gutoteza uwo mwana w'umuhungu ndetse yinangira kumwishyurira amafaranga y'ishuri.Wa mwana w'umuhungu atangira gukererwa ishuri kubera gukoreshwa imirimo yo mu rugo. Bidatinze afata icyemezo cyo guta ishuri ndetse ava no mu rugo ajya kuba mu muhanda.




## 5.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ese ibyo uyu mugabo yakoreye uriya mwana w'umuhungu byari bikwiye? Sobanura

(ii) Ni iki cyatumye uyu mwana w'umuhungu ata ishuri?

(iii) Ni ubuhe burenganzira bw'umwana butubahirijwe?

(iv) Tanga ingero z'ibindi bintu bishobora gutuma abana bafata icyemezo cyo kujya kuba mu muhanda

(v) Ni ibihe bibazo abana baba mu muhanda bahura na byo ?

(vi) Ni izihe ngamba zafatwa mu gukumira ko abana bajya kuba mu muhanda?

## 5.4 Umukino

Abanyeshuri barakina bigize abana baba mu muhanda, basobanura impamvu zitera abana kujya mu muhanda n'ingaruka zabyo.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Abana bo muhanda babarirwa mu matsinda y'abantu bo kwitabwaho mu buryo bwihariye kurusha abandi.
- Abakobwa n'abahungu bafite uburenganzira bwo kuba mu muryango.

### 5.5 Umukoro

Bariza niba hari abana bagenzi bawe bataye ishuri bakajya kuba mu muhanda. Sobanurira abaturanyi bawe ibibazo abana baba mu muhanda bahura nabyo. Andika ubutumwa buhamagarira abana bo mu muhanda gusubira mu miryango yabo no gusubira mu ishuri.

## Ikiganiro cya 6: Icuruzwa ry'abantu

### 6.1 Intego z' ikiganiro.

Iki kiganiro kizafasha abanyeshuri gusobanukirwa ko icuruzwa ry'abantu ari ikibazo gikomeye kigomba gukumirwa na buri wese.

### 6.2 Inkuru: Shishoza

Umunsi umwe, abantu bigendera bahuye n'itsinda ry'abahungu n'abakobwa bitegura gusoza umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye, babizeza kubajyana mu mahanga bakabaha akazi kabahemba neza ndetse ko bazanabafasha gukomeza amasomo yabo. Ba banyeshuri bakibyumva bahise bafata icyemezo cyo kuva mu ishuri, bajyana na babantu mu mahanga, bagezeyo bacuruzwa mu bikorwa bishingiye ku mibonano mpuzabitsina. Barashoberwa ndetse batangira kwicuza icyatumye bafata icyemezo cyo kujya mu mahanga.




## 6.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Ese bariya banyeshuri bafashe icyemezo cyo kujya mu mahanga babanje kubitekerezaho neza? Kubera iki?

(ii) Vuga izindi mpamvu zitera icuruzwa ry'abantu?

(iii) Ni izihe ngaruka ziterwa n'icuruzwa ry'abantu?

(iv) Ni izihe nama wagira urubyiruko kugira ngo rwirinde abantu rutazi barwizeza akazi mu mahanga?

(v) Muganire ku ngamba zo kurwanya icuruzwa ry'abantu

## 6.4 Umukino

Bamwe mu banyeshuri bakine bigana abakora ubucuruzi bw'abantu n'abandi bakine babaye abacuruzwa maze mugaragaze ingaruka mbi z'ibyo bikorwa.

**Ubutumwa bw'ingenzi :**

- Icuruzwa ry'abantu ni icyaha gikomeye kibangamira uburenganzira bwa muntu kandi rikwiye gukumirwa na buri wese.
- Icuruzwa ry'abantu rikorwa mu buryo bwinshi kandi ntirigira imipaka.
- Abacuruza abantu bakoresha imbaraga, ibikangisho, uburiganya, amayeri n'ubushukanyi hagamijwe gukoresha uhohoterwa imirimo y'agahato cyangwa gushakira inyungu mu mibonano mpuzabitsina y'undi.

## 6.5 Umukoro

Bwira bagenzi bawe uko bakwiriye kwirinda abantu babizeza ibitangaza bazabakorera bigatuma bata ishuri. Baririza aho utuye niba nta bikorwa bijyanye n'icuruzwa ry'abantu byigeze bihakorerwa maze utange ubutumwa ku cyakorwa.

INSANGANYAMATSIKO YA: 2

# IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

## Intangiriro

U Rwanda rumaze gutera intambwe igaragara mu guhangana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina nko kuba harashyizweho amategeko n'amategekoteka arirwanya. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryabaye icyaha gihanwa n'amategeko kuva muri 2008. Mu itegeko N0 68 /2018 ryo ku wa 30/08/2018, hasobanurwa amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina: ibabazamubiri, irishingiye ku mutungo,irikorerwa ku gitsina n'ishenguramutima.

Hateganijwe kandi n'ibihano ku batita ku bana babo bitwaje ko ari ab'igitsina runaka, ku bahohotera abo bashakanye mu buryo ubwo ari bwo bwose.

## Ingingo ya 1 Ihohoterwa rikorerwa mu miryango

Iyi ngingo ikubiyemo ibiganiro bitanu kandi itanga amakuru ku ihohoterwa rikorerwa mu miryango ,uko rikorwa, ikiritera, ingaruka rigira n'uko umuntu yaryirinda cyangwa uko yakwifata aramutse arikorewe.

## Ikiganiro cya 7: Amakuru y'ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango

### 7.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanurira abanyeshuri ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango no kubaha ubumenyi bubafasha kwitwara neza, kuryirinda no guhindura imyifatire.

## 7.2 Inkuru: Ishingirwa rya Gasheke

Gasheke aribuka umunsi yashyingiweho. Mama yantunganyirije neza ikanzu itukura nari nambaye. Anjyana mu cyumba cyari giteraniyemo abategarugori icumi. Bakimbona bamwe batangira kumpamagara ngo "Umugeni, Umugeni" ngwa mu kantu. Nerekeza amaso kuri mama maze nawe ahita ambwira ko ngiye gushyingirwa. Sinumvaga icyo ashatse kuvuga.

Ariko uko bakomezaga kuganira naje gusobanukirwa ko bagiye kumpa umugabo tuzabana. Nshatse kubyanga , mama akanzibiranya akambuza kwisobanura. Ababyeyi banjye bari bararangije kumfatira icyemezo.




## 7.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Hari ihohoterwa rigaragara muri iyo nkuru?

(ii) Uriya mwana w'umukobwa yagombaga gukora iki?

(iii) Ese ibivugwa mu nkuru biramutse bikubayeho wakora iki?

### 7.4 Umukino

Mu itsinda ry'abanyeshuri batandatu, mukine mwigana umwana w'umwangavu uhatirwa n'abantu bo mu muryango we gushyingirwa imburagihe

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

Turwanye kandi twirinde gushyingirwa imburagihe

### 7.5 Umukoro

Buri wese ahimbe agakuru ku ihohoterwa rikorerwa mu muryango azagasomere abandi ubutaha.

## Ikiganiro cya 8: Amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango

### 8.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanunira abanyeshuri amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango kugira ngo baryirinde kandi bagire imyifatire ikwiye.

### 8.2 Inkuru: Amagorwa ya Gasheke

Gasheke yashyingiwe afite imyaka cumi n'itanu. Mu ijoro yarongowemo yarababajwe cyane. Nyuma y'ukwezi kumwe aratwita, atangira guhura n'ibibazo bikomeye by'ubuzima kubera gutwita kuri iyo myaka. Umugabo we n'umuryango we bamukoreye ihohoterwa ry'ibabazamubiri n'ishenguramutima.



## 8.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Vuga amoko y'ihohoterwa ari muri iyi nkuru.

(ii) Vuga ubundi bwoko bw'ihohoterwa rikorerwa mu muryango uzi.

## 8.4 Umukino

Mu matsinda ya batatubatatu mukine mugaragaza umugore utwite, umugabowe amutuka na nyirabukwe amujujubya, nawe arira.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Umugore utwite agomba kubahwa no kwitabwaho
- Gushyingira umwana utarageza ku myaka y'ubukure nabyo ni ihohoterwa

## 8.5 Umukoro

Muhimbe inkuru ijyanye n'amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango muzayisomere abandi ubutaha.

# Ikiganiro cya 9: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango

## 9.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanurira abanyeshuri impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu miryango n'uko baryirinda.

## 9.2 Inkuru: Umusinzi Nzogosha

Umugabo witwa Nzogosha akora bubyizi, akaba acumbitse mu nzu ya Mutuzo iri mu mudugudu wa Gatare. Iyo ahembwe ayatsinda mu kabari bityo ntabashe kugura ibitunga umuryango we, kwishyurira abana ishuri no kwishyura icumbi. Ibi byatumye abana be babirukana mu ishuri ndetse na nyir'inzu yirukana umuryango wa Nzogosha mu icumbi.



## 9.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Uhereye kuri iyi nkuru, ni ikihe kintu gishobora gutera ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango?

(ii) Uhereye kuri iyi nkuru, ni izihe ngaruka zishobora guterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango?

## 9.4 Umukino

Mu matsinda ya batanubatanu mukine mwigana umugabo w'umusinzi uhohotera abagize umuryango we.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

Buri wese agomba kwirinda icyo ari cyo cyose cyatera ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango

## 9.5 Umukoro

Buri wese ahimbe agakuru kagufi ku mpamvu zitera ihohoterwa rikorerwa mu muryango azagasomere abandi ubutaha.

# Ikiganiro cya 10: Ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango

## 10.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanurira abanyeshuri ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango.

## 10.2 Inkuru: Gasheke yaratereranywe

Gasheke ntiyabonaga indyo yuzuye atwite. Amaze kubyara imfura ye y'umukobwa atangira kujujubywa azira ko atabyaye umuhungu. Akana ke karananuka karazingama. Gasheke yabuze umufasha kurera uwo mwana. Byaje kugera igihe uwo mwana anarwara bwaki nyuma aranapfa.



## 10.3 Ibibazo biganirwaho

Ni izihe ngaruka ziterwa n 'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango zigaragara muri iyi nkuru.

## 10.4 Umukino

Mu matsinda ya banebane, mukine mwigana umugore ufite uruhinja wahohotewe mu muryango.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Twirinde ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango

## 10.5 Umukoro:

Muhimbe agakuru ku ngaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu muryango muzazisomere abandi ubutaha

# Ikiganiro cya 11: Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango

## 11.1 Intego y' ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumenya uburyo bwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n' uko bakwita ku bahohotewe mu miryango.

## 11.2 Inkuru: Nahawe ubufasha

Nyuma y' urupfu rw' umwana we w' imfura, Gasheke yabyaye abandi bana. Abajyanama b' ubuzima bagiriye inama Gasheke n' umugabo we yo kugana ikigo gitanga inama n' ubufasha ku bahohotewe n' abahuye n' ihungabana 'Isange One Stop Centre'. Gasheke yatangiye guhabwa ubujyanama n' ubufasha mu kwirinda kwiheba. Hashize iminsi yaje kubona akazi ko gukora isuku, gafasha umuryango we guhindura imibereho. Barateganya kohereza abana ku ishuri. Ubungubu bishimiye ubuzima barimo kandi bafite ikizere cy' ejo hazaza.





## 12.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ni ubuhe buryo bwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango bwavuzwe muri iyi nkuru?

(ii) Ni hehe umuryango wa Gasheke ukura inama?

(iii) Tanga ubundi buryo bwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu muryango.

## 11.4 Umukino

Mu matsinda ya bane, abanyeshuri berekana umukino urimo umukobwa wagize ingaruka z' ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu muryango ari kumwe n' umugore utanga ubujyanama.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina no kwita ku bahohotewe mu miryango ni inshingano z'abagabo n'abagore.
- Ihohoterwa iryo ariryo ryose rishingiye ku gitsina mu miryango rigomba kugezwa ku kigo gitanga inama ku buzima bw' imyororokere n' ubufasha ku bahohotewe n' abahuye n' ihungabana 'Isange One Stop Centre' hifashishijwe umurongo utishyurwa 116.

### 11.5 Umukoro

Andika inkuru y' umuntu wakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubera kutagira amakuru ajyanye n'iryo hohoterwa mu muryango hanyuma muganire uburyo ryakumirwa.

## Ingingo ya II: Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri rigira ingaruka ku bana benshi n'imiryango ku isi yose. Abarimu n'abanyeshuri bashobora gukora cyangwa gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri bakagerwaho n'ingaruka z'ubuzima z' igihe kirekire.

Iyi ngingo ikubiyemo ibiganiro bitanu (5) kandi itanga amakuru y'ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri, amoko yaryo, impamvu ziritera, ingaruka zaryo ndetse n'ingamba zo kurikumira no gufasha uwarikorewe.

## Ikiganiro cya 12: Amakuru y'ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri

### 12.1 intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gutanga amakuru y'ingenzi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri kugira ngo abanyeshuri baryirinde kandi bibafashe no guhindura imyitwarire.

### 12.2 Inkuru: Wihishira ihohoterwa

Umunyeshuri w'umuhungu w'imyaka cumi n'umunani witwa Kibuni yasabye umukobwa bigana witwa Hawai kumubera umukunzi. Hawai arabyanga amubwira ko ashaka kubanza gusoza kwiga akabona gushaka umukunzi. Nyuma yo kumwangira, Kibuni yumvise asuzuguwe biramubabaza maze atangira kujya atera Hawai ubwoba amubwira ko azamwica. Haciye iminsi, atangira kumuharabika amwita nyogokuru, rumarinkwi n'andi mazina. Umunsi umwe, Kibuni yakurikiye Hawai mu bwiherero agamije kumufata ku ngufu. Hawai avuza induru maze umuzamu aramutabara. Umuzamu yihutiye guhuruza umuyobozi w'ishuri.




## 12.3 ibibazo byo kuganiraho

(i) Ese hari ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri ryaba riri mu nkuru mwumvise?

(ii) Ni iki umuyobozi w'ishuri ashobora kuzakora namara kumenya ibyabaye?

(iii) Iyo uza kuba Hawai wari gukora iki?

## 12.4 Umukino

Mukore itsinda ry'abanyeshuri 8, mukine mwigana umwarimukazi utonesha abakobwa abaha amanota y'ubuntu yitwaza ko abadafite ubushobozi nk' ubw' abahungu.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Umubiri wawe ni ntavogerwa, wurinde ihohoterwa iryo ari ryo ryose.
- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ribangamira bikomeye uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

### 12.5 Umukoro

Himba inkuru ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu mashuri maze uzayisomere bagenzi bawe ubwo muzongera guhura.


## Ikiganiro cya 13: ubwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri

### 13.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije guha abarezi, abanyeshuri n'abandi bafatanyabikorwa ubumenyi bubafasha kumenya abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri mu rwego rwo kurikumira no gukemura ibibazo birikomokaho.

### 13.2 inkuru: Kumira ihohoterwa mu mashuri

Habayeho abanyeshuri babiri b'abahungu, bakundaga gukinisha mwarimukazi wabo bamubeyurira ijipo. Umunsi umwe, umuyobozi w'ishuri yababonye bayihenurura abaza umwarimukazi impamvu abihorera. Mwarimukazi yaramwenyuye amubwira ko atabyitaho kubera ko ari abana bato. Byatangaje cyane umuyobozi w'ishuri, amubwira ko iryo ari ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri. Mwarimukazi amaze kubimenya, igihe bongeye kubikora yarabihanangirije, babisubiriye yarabakubise atangira no kujya akumira abana b'abahungu mu masomo yigisha.



### 13.3 Ibibazo byo kuganirwaho

(i) Ni irihe hohoterwa mwarimukazi yakorewe?

(ii) Ese ibyo mwarimukazi yakoreye abanyeshuri b'abahungu nabyo ni ihohoterwa? Sobanura.

(iii) Wifashishije ingero zifatika, sobanura ubundi bwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rishobora gukorerwa mu mashuri cyangwa mu nkengero zayo.

### 13.4 Umukino

Mukine agakino kagaragaza abanyeshuri bamenyereye bakubita umushya kugera ubwo ava mu ishuri biga bacumbikirwa akajya kwiga aho biga bataha kubera iterabwoba bamushyizeho.

**Ubutumwa bw' ingenzi :**

Ntukagire uwo uhohotera witwaje icyo uri cyo!

### 13.5 Umukoro

Korana ikiganiro n'abantu batanu ku bwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri hanyuma amakuru baguhaye uzayageze kuri bagenzi bawe nimwongera kubonana.

## Ikiganiro cya 14: Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri

### 14.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gusobanukirwa ibitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri kugira ngo baryirinde banamagane abarikora.

### 14.2 Inkuru: Erekana ko uri akagabo

Sayo ni umunyeshuri w'umukobwa wari ufite imyaka 14 akiga mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye.Yatsinze neza ikizamini cya Leta gisoza ikiciro rusange.Abwira ababyeyi be ko yifuzaga gukomereza amashuri ye mu masomo

ya siyansi. Ababyeyi be baramuhakanira bamubwira ko amasomo ya siyansi yigwa n'abahungu gusa. Bidatinze ishuri rye rimuha ibaruwa imwemerera kwiga amasomo ya siyansi mu ishuri ryisumbuye rya Mundo. Muri icyo kigo nta munyeshuri w'umukobwa wahabwaga amahirwe yo guhagararira ikigo mu marushanwa ya siyansi. Umunsi umwe Sayo yashyamiranye n'umunyeshuri mugenzi we w'umuhungu maze Sayo aramukubita. Wa muhungu ajya kumurega ku muyobozi w'ishuri. Umuyobozi ntiyamwumva ahubwo amubwira ko atagombaga gukubitwa n'umukobwa, ko ahubwo yagombaga kumwereka ko ari akagabo.




## 14.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ni iki wavuga ku myumvire y'ababyeyi ba Sayo.

(ii) Sobanura uburyo igisubizo umuyobozi w'ishuri yahaye umuhungu wakubiswe na Sayo gishyigikira ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.

(iii) Kuki abakobwa bo mu kigo cy'amashuri cya Mundo batahabwaga amahirwe angana n'ay'abahungu bigana mu marushanwa ya siyansi yo guhagararira ikigo?

### 14.4 Umukino

Mu itsinda rya batanubatanu, mukine mwigana ababyeyi bima umwana wabo w'umukobwa uburenganzira bwo kujya ku ishuri nka musaza we hanyuma mugaragaze abaturanyi b'uwo muryango badashyigikiye imyumvire y'abo babyeyi.

**Ubutumwa bw'ingezi:**

Abakobwa n'abahungu bafite ubushobozi bungana.

### 14.5 Umukoro

Wifashishije ingero, sobanura uruhare rw'igitsina gore mu iterambere ry'igihugu utitaye ku mbogamizi bakunze guhura na zo.

## Ikiganiro cya 15: Ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri

### 15.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanurira abanyeshuri ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina  rikorerwa mu mashuri no kurikumira bivuye inyuma.

### 15.2 Inkuru: Mfasha mubyeyi

Kakuvu ni umunyeshuri w'umukobwa ufite imyaka 15.Yaryamanye n'abahungu benshi bo ku ishuri rye. Atwara inda y'imburagihe ndetse arwara n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Atangira kumva adashaka kurya, abura ibitotsi. Agahora yicuza ibyo yakoze, yicira urubanza, agira agahinda ndetse akumva yakwiyahura. Aza kujyanwa kwa muganga, nyuma yo kubagwa abyara umwana upfuye. Ababyeyi be baramutererana, bananga no kuzongera kumurihira ishuri. Kakuvu ntiyasubira mu ishuri yigira kwibera umwana wo mu muhanda. Atangira kunywa ibiyobyabwenge. Umunsi umwe yazezengeye, imodoka iramugonga ahita agira ubumuga bwa burundu.



## 15.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Ni irihe somo mukuye muri iyi nkuru?

(ii) Sobanura ikibazo Kakuvu yahuye na cyo.

(iii) Ni iyihe nama wagira abakobwa bitwara nka Kakuvu?

(iv) Uhereye kuri iyi nkuru, ubona amaherezo y'ubuzima bwa Kakuvu ari ayahe?

## 15.4 Umukino

Babiribabiri, mukine mugaragaza ingaruka abangavu n' ingimbi bajya mu tubari cyangwa mu tubyiniro bashobora guhura na zo.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

Turwanye ihohoterwa rikorerwa mu mashuri kuko rigira ingaruka mbi ku barikorerwa n'umuryango muri rusange

## 15.5 Umukoro

Himba umuvugo mugufi ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri, uzawusomere abandi ubutaha.

# Ikiganiro cya 16: Uburyo bwo kwirinda no gukemura ibibazo biterwa n' ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.

## 16.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kungurana ibitekerezo no kujya impaka ku buryo bwo kwirinda no gukemura ibibazo biterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu mashuri.

## 16.2 Inkuru: Rumira atabwa muri yombi

Goyigoyi na Matafari bari abanyeshuri b'abakobwa, umwe afite imyaka 15 undi 16. Bigaga ku rwunge rw'amashuri rwa MBOGO. Bombi bakaba inshuti. Goyigoyi yabaga mu itsinda rirwanya ihohoterwa ariko Matafari we yashidikanije kujya muri iryo tsinda. Goyigoyi yakunze inyigisho ku buringanire n'ubwuzuzanye zifasha abantu guhindura imyitwarire. Goyigoyi yasobanukiwe uburenganzira bwe. Abahungu benshi bo ku ishuri ryabo bakundaga guha Matafari impano zirimo amasaha, inkweto, imikufi, telefoni n'ibindi. Goyigoyi we ntiyemeraga bene izo mpano kuko yumvaga ko zatuma yishora mu mibonano mpuzabitsina n'abahungu bazitangaga.

Umunsi umwe, Rumira w'umumotari i Murambi, yamusabye ku musura aho acumbitse. Agezeyo atangira kumukorakora ku mabuno no ku mabere. Matafari agerageza kumwigizayo biba iby'ubusa. Nyuma, Matafari ajya kurega kuri sitasiyo ya polisi yari hafi aho. Rumira arafatwa ashyikirizwa urukiko ahanishwa igifungo. Matafari yakomeje gutekereza ibyamubayeho, atangira kujya atsindwa amasomo bigera n'aho ata ishuri burundu.

Goyigoyi amenye ibyabaye ku nshuti ye Matafari, aramusura, aramuhumuriza, amugira inama z'ukuntu ubuzima bwakomeza.



## 16.3 Ibibazo byo kuganirwaho

(i) Sobanura uburyo Goyigoyi yakoresheje kugira ngo ashobore kwirinda abamushukaga bagamije kumushora mu mibonano mpuzabitsina

(ii) Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru?

(iii) Iyo uza kuba uri Matafari uba warakoze iki?

(iv) Ni iyihe nama wagira abakobwa bafite imyitwarire nk'iya Matafari?

## 16.4 Umukino

Mu itsinda rya babiribabiri mukine mugaragaza uko mwakwirinda ihohoterwa rishingiye ku gitsina mwibanda cyane cyane kucyo mwakora kugira ngo mufashe abakorewe iryo hohoterwa.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

Gusura uwo mudahuje igitsina ahantu aba wenyine bishobora kugusha mu bishuko biganisha ku mibonano mpuzabitsina.

## 16.4 Umukoro

Mu itsinda rya batatubatatu mukine mwigana Goyigoyi, Matafari na Rumira bavuzwe mu nkuru.

# INSANGANYAMATSIKO YA: 3

# UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE N'UBUZIMA BW'IMYOROROKERE

Mu Rwanda, uburezi ku buzima bw'imyororokere bwashyizwe mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi nk' imwe mu ngingo z'ingenzi nsanganyamasomo. Muri iki gihe mu Rwanda, ubushakashatsi bukorwa ku buzima bw'imyororokwere bwibanda cyane cyane ku bitekerezo by'ingimbi n'abangavu n'abarimu bo mu bigo nderabarezi (UNESCO, 2015; REB, 2017).

Iyo urebye uko  uburezi ku buzima bw'imyororokere mu miryango yo muri Afurika buhagaze usanga ari ikibazo kitavugwaho rumwe ndetse no mu Rwanda iki kibazo kirahari. Uyu mutwe uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye n'ubuzima bw'imyororokere ugizwe n'ingingo eshanu (5) zikurikira:

- Urwungano rw' imyanya myibarukiro;
- Inda z'imburagihe ziterwa abangavu;
- Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA (HIV/AIDS);
- Imyitwarire idahwitse yateza ibibazo abakobwa n'abahungu bafite hagati y'imyaka 10 na 19;
- Ubushobozi bwo kwibeshaho no kumenya kwisobanura.

## Ingingo ya I: Urwungano rw' imyanya myibarukiro y'abahungu n'abakobwa

Gusobanukirwa neza ibigize urwungano rw' imyanya myibarukiro ni ngombwa ku buzima bw'imyororokere y'abangavu n'ingimbi.

Abana b' abakobwa n' abahungu bageze mu gihe cy' ubugimbi n' ubwangavu bagira imihindagurikire myinshi y'ubuzima ariyo impinduka z'umubiri, imitekerereze, ibyiyumviro n' imibanire n'abandi.

Iyi ngingo ikubiyemo ubumenyi buhagije ku miterere n' imihindagurikire y' imyanya myibarukiro.


# Ikiganiro cya 17: Imihindagurikire y'umubiri ku bahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu

## 17.1. Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha urubyiruko kugira ubumenyi buhagije ku itandukaniro riri hagati y'imiterere y'umubiri w'abahungu n'uw'abakobwa. Gisobanura kandi itandukaniro riri hagati y'imyanya ndangagitsina na myibarukiro by'umwihariko akamaro ka buri gice kigize urwungano rw'imyororokere.

## 17.2 Inkuru: Muyombo na Mukazana barakuze

Umunsi umwe, umwarimu yohereje Mayombo ku kibaho ngo ajye gukosora ihurizo ry' imibare. Mwarimu amusaba kurikosora asobanura inzira anyuramo ngo agere ku gisubizo. Mayombo atangira kurikosora yerekana n'inzira bikorwamo ariko bagenzi be baramuseka kubera ijwi rye rinini kandi rinize. Mwarimu asaba abanyeshuri kureka gusakuza bagakurikira ibyo Mayombo yarimo kuvuga. Mwarimu abonye ko Mayombo adakosoye neza ihurizo yahawe asaba Mukazana kujya kumwunganira. Mukazana yagiye ku kibaho asa n'uwunamirije ashaka guhisha amabere ye. Na we bagenzi be baramuseka ariko Mwarimu arabacecekesha.



## 17.3 Ibibazo byo kuganirwaho

(i) Kuki abanyeshuri basetse bagenzi babo Mayombo na Mukazana?

(ii) Ese abana bataragera mu gihe cy'ubugimbi batekereza ku itandukaniro ry'ibitsina byabo?

(iii) Sobanura itandukaniro riri hagati y'imihindagurikire y'umubiri ku bahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubwana.

(iv) Sobanura itandukaniro riri hagati y'imihindagurikire y'umubiri ku bahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n' ubwangavu.

(v) Kuki bamwe bagera mu bwangavu n' ubugimbi hakiri kare abandi bakabugeramo batinze?

## 17.4 Umukino

Mukine mwigana imihindagurikire y'umubiri w'abahungu n'uw'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi. Abahungu bakine bigana imihindagurikire y'umubiri w'abakobwa naho abakobwa bakine bigana imihindagurikire y'umubiri w'abahungu. Intego nyamukuru y' uyu mukino ni ukugaragariza bagenzi bawe uko umubiri w'abahungu n'uw'abakobwa uhinduka mu gihe cy'ubugimbi.

**Ikitonderwa:** Mwirinde kujya kure y'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Igihagararo n'isura by'umwana w'umuhungu n'uw'umukobwa mu gihe cy'ubwana gitandukanye n'ibyo mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.
- Kumenya imiterere y'umubiri wacu ni ingenzi.

## 17.5 Umukoro

Kora ibishushanyo bibiri bigaragaza imihindagurikire y' imibiri y'umukobwa n'umuhungu mu gihe cy' ubwangavu n'ubugimbi.

# Ikiganiro cya 18: Impinduka z'imikorere y'umubiri w'abahungu nuw'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu

## 18.1. Intego y' ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanura impinduka z'imikorere y'umubiri w'abahungu nuw'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n' ubwangavu.


## 18.2 Inkuru: Ibimenyetso by'ubugimbi n'ubwangavu

Gahungu ni umwana w'umuhungu w' imyaka 15. Mu gihe yoganaga na bagenzi be bavuye muri siporo yarabitegereje maze abona ko igitsina ke ari gito ugereranije n' ibya bagenzi be. Bidatinze bagenzi be batangira kuganira uko bajya biroteraho. Gahungu abyumvise arinumira. Kuva ubwo, Gahungu atangira kwibaza impamvu adakura nka bagenzi be bigana. Bimutera ubwoba ko uko kudakura nk'abandi bishobora kuzamugiraho ingaruka mbi ndetse ko bishobora kuzamubuza kubyara.




Gakumi na we ni umwana w'umukobwa w' imyaka 14. Mu gihe yoganaga na bagenzi be bavuye muri siporo yarabitegereje maze abona amabere ye ari mato cyane ugereranije n'aya bagenzi be kandi ntabwo yari yakabona imihango ye ya mbere. Ubwo bagenzi be baganiraga bamwe bavugaga ko bajya mu mihango ikababababaza, abandi bakavuga ko bayijyamo ntibababaze, abandi bakavuga ko batazi igihe bagira mu mihango naho abandi bakavuga ko batazi igihe bayiviramo. Gakumi we yabateze amatwi arangije arinumira. Kuva

ubwo atangira kwibaza impamvu adakura kimwe na bagenzi be. Bimutera ubwoba ko ashobora kuzagira ikibazo cyo kubyara.




## 18.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Kuki abakobwa bajya mu mihango iyo bakuze?

(ii) Kuki abakobwa n' abahungu bamwe bagera mu bwangavu n' ubugimbi hakiri kare abandi bagatinda kubigeramo?

(iii) Kuki bamwe mu bakobwa bababazwa n'imihango abandi ntibababaze? Ubwo bubabare buterwa ni iki?

## 18.4 Kungurana ibitekerezo

Vuga ibyakubayeho ukibona impinduka ya mbere mu mikorere y'umubiri wawe mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Impinduka mu mikorere y'umubiri w'umuntu mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu ntabwo ari zimwe ku muhungu n'umukobwa.
- Izo mpinduka zishobora kubaho mbere cyangwa nyuma bitewe n'imiterere y'umubiri w'umuntu ariko ntabwo ari uburwayi.

### 18.5 Umukoro

Muganire ku makuru y'ukuri cyangwa atari ay'ukuri muhabwa avuga ku mpinduka mu mikorere y'umubiri w'abahungu n'uw'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.

## Ikiganiro cya 19: Impinduka z'imitekerereze n'ibyiyumvo biganisha ku mibereho myiza y'abahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu


### 19.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanura impiduka mu byiyumvo n'ingaruka zigira ku myifatire n'imyitwarire y'abahungu n'abakobwa mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.

### 19.2 Inkuru:

#### Inkuru ya mbere: Imyitwarire ya Sekoma

Sekoma ni umwana w'umuhungu w'imyaka 15. Umunsi umwe avuye ku ishuri ababyeyi be bamuhaye imirimo nk' uko byari bisanzwe arayanga ahitamo kwigira gukina na bagenzi be. Ababyeyi be bagize impungenge kuri iyo myitwarire idasanzwe y'umuhungu wabo biyemeza kumuganiriza. Ubwo bamubazaga impamvu atakoze imirimo bamuhaye yabasubizanyije umujinya ati: "Ntabwo ndi umwana, ndi umuntu mukuru nkamwe, kuva ubu mfite uburenganzira bwo gukora ibyo nshaka, buri mugoroba nzajya njya kwikinira na bagenzi banjye". Ababyeyi be bamugira inama yo guhinduka akareka iyo myitwarire by'umwihariko akirinda kujya mu kigare. Kuva ubwo yahise ahindura imyumvire yari afite yongera kubaha ababyeyi be nk' uko byari bisanzwe.



## Inkuru ya kabiri: Mbega umukobwa w'ihoho!

Makoma ni umwana w'umukobwa w'imyaka 15. Umunsi umwe yavuye ku ishuri asuhuza ababyeyi be nk'uko byari bisanzwe. Nyina amubwira ko akeneye umunyu ku buryo bwihutirwa amusaba kwihuta akajya kuwugura kuri butiki. Aho kwihuta ngo ajye kugura umunyu yigira mu bwogero atangira koga. Hashize akanya, nyina amubaza icyo yatinze akora mu cyumba cye. Amusubiza ko yabanje koga, arangije kwisiga, arimo kwambara. Nyina atungurwa no kumva igisubizo cy' umukobwa we maze arakazwa n'imyitwarire ye.




## 19.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ni iki kigaragaza impinduka z'imitekerereze, ibyiyumvo n'imyitwarire bya Sekoma na Makoma bavuzwe mu nkuru ?

(ii) Gira icyo uvuga ku byemezo byafashwe na Sekoma na Makoma biri mu nkuru.

(iii) Waba warigeze uhura n'ibibazo bimeze kimwe n'ibya Sekoma cyangwa Makoma?

## 19.4 Kungurana ibitekerezo

Muganire ku mpinduka z'imitekerereze, ibyiyumvo n'imyitwarire by'abakobwa n'abahungu mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Emera kandi ugenzure impinduka zose ziba ku mubiri wawe.
- Gusabwa n'ibyishimo n'umunezero bikomoka ku mpinduka z'umubiri ni ibisanzwe bibaho mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.
- Genzura ibyishimo n'umunezero bikomoka ku byiyumvo biganisha ku mibonano mpuzabitsina kuko biteza ibibazo
- Ababyeyi n'abana bakwiye kujya baganira ku bibi by'ikigare.
- Kugira inshuti ni byiza mu buzima ariko shishoza mbere yo kuzihitamo.

### 19.5 Umukoro

Mugaragaze uko impinduka z'imitekerereze, ibyiyumvo n'imyitwarire y'abakobwa n'abahungu mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu bigira uruhare ku byemezo umuntu afata.


## Ikiganiro cya 20: Ubuzima bw' imyororokere

### 20.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanura imyitwarire iboneye ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere no kwerekana uko urubyiruko rukwiye gushungura ubutumwa ubwo ari bwo bwose rwakira bwerekeranye n' uburere mbonerabitsina.

### 20.2 Inkuru: Yagiriwe inama ikomeye

Kaziba na Gasomo bari inshuti. Umunsi umwe Kaziba yabwiye Gasomo ko iyo abonye mushiki wa Gasomo witwa Zuba yumva amwifuje. Gasomo yamugiriye inama ko yabimubwira. Kaziba arabimwemerera amubwira ko azabigerageza. Kaziba yagerageje kubimubwira ariko Zuba aramuhakanira. Kaziba ntiyarekeye aho, yagiye kugisha inama indi nshuti ye yitwa Karuhuko. Karuhuko yamugiriye inama yo kujya gusaba Zuba imbabazi. Kaziba na Zuba baganiriye kuri icyo kibazo maze Zuba amubwira ko kugira ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina ari ibintu bisanzwe. Amubwira ko akwiye gutegereza akabanza agakura kugera igihe azaba yemerewe gushaka umugore.

## 20.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ese ni ngombwa kuganiriza ingimbi n'abangavu ibyerekeye ubuzima bw'imyororokere? Sobanura.

(ii) Muganire ku butumwa bwerekeye uburere mbonerabitsina butangwa n'ababyeyi, n' ubwo bakwiye gutanga ndetse n'ubutangwa n' urungano.

(iii) Ni ubuhe butumwa wigeze kumva buvugwa aho utuye bwerekeranye n' ubuzima bw'imyororokere?

(iv) Ni kuki umuntu yifuza uwo badahuje igitsina kabone n' ubwo we yaba atamwifuza?

## 20.4 Umukino

Abanyeshuri bane bakine bigana ibyavuzwe mu nkuru:

Uwa mbere akine yigana Kaziba

Uwa kabiri akine yigana Gasomo

Uwa gatatu akine yigana Zuba

Uwa kane akine yigana Karuhuko

**Ubutumwa bw'ingenzi :**

- Shaka amakuru nyayo ku buzima bw'imyororokere, ahakwiriye no mu gihe gikwiriye.
- Ni ibisanzwe kugira ibitekerezo n'ubushake biganisha ku gukora imibonano mpuzabitsina.
- Kurinda ubusugi n'ubumanzi bwawe bizatuma ugira ubuzima bwiza.

### 20.5 Umukoro

Andika inkuru yereka abantu ko ari ingenzi kugira ubumenyi ku buzima bw'imyororokere maze uyibwire bagenzi bawe muri kumwe mu itsinda.

## Ingingo ya II: Inda z'imburagihe ziterwa abana n'abangavu

### Iriburiro

Ubushakashatsi bw'Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry' Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw' Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry' Igihugu (GMO) bwagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2016 kugeza  mu mwaka wa 2019 umubare w' abana n'abangavu batewe inda mu Rwanda wazamutse ukagera ku 78,646:

| Umwaka | Umubare w'abana n'abangavu batewe inda |
|---|---|
| 2016 | 17,849 |
| 2017 | 17,337 |
| 2018 | 19,832 |
| 2019 | 23,628 |
| 2020 | 19,701 |
| 2021 | 23,000 |

Mu gihe cya none, umubare w'ingimbi n'abangavu batangira gukora imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa ugenda wiyongera. Inda zitateganyijwe zikunze kuboneka mu bantu bakiri bato zigenda ziyongera bitewe n'uko batangira gukora imibonano mpuzabitsina hakiri kare kandi badafite ubumenyi buhagije ku buzima bw'imyororokere.

Inda ziterwa imburagihe ni ikibazo kibangamiye urubyiruko n'imiryango muri rusange. Bitera ingaruka mbi harimo izi zikurikira:

- Guta ishuri;
- Ubukene;
- Kubura ubushobozi bwo kwivuza;
- Kwirukanwa mu muryango;
- Guhabwa akato;
- Ibibazo by' ubuzima (indwara yo kujojoba, kugira amaraso make, n'ibindi);
- Gutinya no kugira ikimwaro.


# Ikiganiro cya 21: Impamvu abangavu baterwa inda z' imburagihe

## 21.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanura ku buryo bwimbitse impamvu zituma abana n' abangavu baterwa inda z'imburagihe (gutangira gukora imibonano mpuzabitsina umuntu akiri muto, imigenzo, kunywa ibisindisha, gukoresha ibiyobyabwenge, ubukene n' ibindi).

## 21.2 Inkuru: Makobwa yatwaye inda

Umwana w'umukobwa w'imyaka 14 witwa Makobwa yakundaga kujya gusura umuhungu w'inshuti ye aho kujya ku ishuri. Umunsi umwe, uwo muhungu ashuka Makobwa bakora imibonano mpuzabitsina idakingiye. Hashize ukwezi, Makobwa yabuze imihango afata icyemezo cyo kubibwira wa muhungu w'inshuti ye. Bahise bajya kugura agapimisho kagaragaza ko umuntu yasamye inda. Ibipimo byagaragaje ko Makobwa atwite bibabera urujijo babura uko babigenza.




## 21.3 Ibibazo byo kuganirwaho

(i) Ni ubuhe butumwa bw'ingenzi wakuye muri iyi nkuru?

(ii) Ni iyihe nama wagira umwana nka Makobwa wasibye ishuri akajya mu busambanyi?

(iii) Ukurikije iyi nkuru, uratekereza ko bizagendekera bite Makobwa?

## 21.4 Umukino

Abakinnyi babiri bakine bigana Makobwa n' inshuti ye. Mu gihe bakina, bagoma kwibanda ku myitwarire nyuma yuko Makobwa amenye ko yasamye.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Irinde ibintu byose byakuganisha ku mibonano mpuzabitsina.
- Kwifata nibwo buryo bw' ingenzi bwo kwirinda inda z'imburagihe ziterwa abana n'abangavu.
- Inda z'imburagihe zitera ibibazo byinshi by'ubuzima harimo n'urupfu.
- Twirinde gukora imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa.

## 21.5 Umukoro

Baza aho utuye abana n' abangavu batewe inda z'imburagihe n' ingaruka byabagizeho.

# Ikiganiro cya 22: Ingaruka z'inda z'imburagihe ziterwa abana n' abangavu

## 22.1 Intego y' ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanurira urubyiruko ingaruka zo gutera no guterwa inda z' imburagihe.

## 22.2 Inkuru: Makobwa agerageza gukuramo inda

Hashize amezi make, Makobwa atangira kuruka. Agerageza gukuramo inda akoresheje imiti gakondo ariko biranga. Ababyeyi be bafata icyemezo cyo kumujyana kwa muganga. Muganga ababwira ko Makobwa atwite. Ababyeyi be baramutonganya cyane bimutesha umutwe.



## 22.3 ibibazo byo kuganirwaho

(i) Uhereye kuri iyi nkuru, gira icyo uvuga ku myitwarire ya Makobwa.

(ii) Ni iki cyashoboraga kuba kuri Makobwa nyuma yo kunywa imiti ya gakondo?

(iii) Gira icyo uvuga ku ngaruka zo gutera no guterwa inda z' imburagihe.

(iv) Ni irihe somo wakuye muri iyi nkuru?

## 22.4 Umukino

Mukine mugaragaza ingaruka zo ku mubiri, izo mu mitekerereze n'iz'imibanire n'ubukungu zikomoka ku gutera no guterwa inda z' imburagihe.

**Ubutumwa bw' ingenzi :**

- Gisha inama umujyanama w'ubuzima igihe watwaye inda y' imburagihe
- Irinde gukuramo inda.
- Inda z'imburagihe zigira ingaruka ku mubiri, mu mitekerereze, mu mibanire y' imiryango n'ubukungu.
- Gukuramo inda bishobora gutera urupfu.

## 22.5 Umukoro

Andika inkuru isa n'iyavuzwe haruguru yaba yarabaye ku ishuri ryanyu cyangwa aho utuye maze uzayisomere bagenzi bawe ubutaha

# Ikiganiro cya 23: Gukumira inda z'imburagihe no kwita ku bangavu bazitwaye.


## 23.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro giha ubumenyi n'ubumenyingiro urubyiruko ku bijyanye no gukumira inda z'imburagihe no kwita ku bangavu bazitwaye.

## 23.2 Inkuru: MAkobwa yasubiye ku ishuri

Afashijwe n'ababyeyi, Makobwa yasubiye ku ishuri nyuma y'igihe gito maze abwira umuyobozi w'ishuri ibyamubayeho. Umuyobozi w'ishuri yababajwe nabyo maze amwifuriza ikaze kandi amushishikariza gukomeza kwiga.Yasabye umuyobozi w'ishuri kuzamuha umwanya akabwira bagenzibe bo muri kilabu ibibi byo gutwara inda imburagihe. Igihe cyo kubyara cyaragege maze ajya ku bitaro by'akarere abyara umwana w'umuhungu. Hashize igihe yasubiye ku ishuri wa mwana we amusigira ababyeyi. Ubu afite intego yo kurangiza amashuri yisumbuye ndetse agakomeza na kaminuza.





## 23.3 Ibibazo byo kuganirwaho

(i) Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Makobwa mbere na nyuma yo gutwita.

(ii) Tanga inama zafasha abahungu n'abakobwa gukumira inda z'imburagihe.

(iii) Hari inkuru isa n'iyi ya Makobwa waba warumvise ku ishuri ryanyu cyangwa aho utuye ? Yibwire abandi banyeshuri bagenzi bawe.

(iv) Gira icyo uvuga ku myitwarire y'ubuyobozi bw'ishuri n'iy'ababyeyi ku bijyanye n'iyi nkuru ya Makobwa.

## 23.4 Umukino

Abanyeshuri bane bakine umukino ugaragaza ibyabaye kuri Makobwa muri iyi nkuru ya 23.2 mumaze gusoma.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Ntugaheze cyangwa ngo uhe akato uwabyaye imburagihe.
- Kubyara imburagihe si impamvu yo guta ishuri.
- Uwabyaye imburagihe afite uburenganzira ku burezi no kwitabwaho.

## 23.5 Umukoro

- Vuga unasobanure ingamba zafasha gukumira inda z'imburagihe.
- Iyo uza kuba umwe mu bafitanye isano na Makobwa, uba waramufashe ute ?

# Ingingo ya III: Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera Sida

## Iriburiro

Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ni indwara zihererekanwa mu gihe abantu bakoze imibonano mpuzabitsina idakingiye umwe muri bo yanduye. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina ziteza ingaruka ku muryango, ku babana no ku mwana wavutse.

Iyi ngingo isobanura impamvu zitera indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera Sida, ibimenyetso byazo, uko wahangana nazo n'ingaruka zazo.


# Ikiganiro cya 24: Dusobanukirwe indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, impamvu zizitera n'ingaruka zazo

## 24.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gutanga ubumenyi ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera Sida, impamvu zizitera n'ingaruka zazo. Gikangurira kandi abantu bose kwirinda guhererekanya amatembabuzi, amavangingo n' amaraso mu bikorwa nko gusomana byimbitse, gukora imibonano mpuzabitsina idakingiye, gusangira ibikoresho byose bikomeretsa nk'inshinge, inzembe n'ibindi.

## 24.2 Inkuru: Mukire yigize imfizi y'umudugudu

Mukire ni umucuruzi uzwi cyane mu mudugudu wa Mutiba. Azwi nk'imfizi y'umudugudu. Yikundisha ku bagore n'abakobwa agamije kubasambanya. Yaje kurwara, akababara mu kiziba cy'inda, mu gitsina cye hakavamo amashyira, akokerwa kandi akanishimagura ku gitsina. Ikindi kandi yagize umuriro kandi akagira uburibwe bukabije igihe agiye kwihagarika. Mukire yaguze utunini tugabanya uburibwe kuri farumasi ariko ntiyigeze kwa muganga ngo yivuze neza ngo akire. Umunsi umwe, yahuye n'umwana w'umukobwa uvuye ku ishuri amuha ibihumbi bitanu byo kugura ibikoresho by'ishuri amubuza kugira undi muntu abibwira. Umunsi ukurikiyeho, yatumiye wa mukobwa mu rugo iwe anamwizeza ko ubufasha bwose azakenera azabumuha mu gihe yaba yemeye ko baryamana maze nawe aramwemerera. Haciye iminsi mike, umukobwa atangira kumva ababara mu kiziba cy'inda, akanagira ibintu by' uruzi rusa nabi ruva mu gitsina cye. Yanagize uburyaryate n' uburibwe imbere n' inyuma ku gitsina, agira amasazi mu mayasha, bituma akomeza kwishimagura. Yagize umuriro, umunaniro ukabije anarwara umutwe.




## 24.3 Ibibazo byo kuganiraho

(v) Ni izihe mpamvu zitera indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina?

(vi) Tanga ingero z' indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, impamvu izitera na bimwe mu bimenyetso bigaragara ku wazanduye.

(vii) Muganire ku bihuha n' amakuru atariyo ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA.

(viii) Muganire ku nteruro zikurikira:

1. Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zikwirakwizwa binyuze mu mibonana mpuzabitsina idakingiye, amatembabuzi n' amavangingo, amaraso ndetse no gukoranaho kw' imibiri.
2. Abagore ntibandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina kubera ko imyanya myibarukire yabo iba imbere.

3. Abantu banduye Virusi itera Sida ntibarwara indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina muri rusange.
4. Buri wese yakwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina mu gihe asambanye n'undi muntu wanduye.
5. Birashoboka kwanduzanya indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina mu gusomana.

### 24.4 Umukino

Mwitegereze kandi mugire icyo muvuga ku mafoto n' ibishushanyo bigaragaza indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Mwirinde gukora imibonano mpuzabitsina kugeza mwubatse ingo zanyu (mwifate).
- Mwikwizera uwo ari we wese ushobora kubashora mu busambanyi.
- Mwirinde gusangira ibikoresho bikomeretsa.

### 24.5 Umukoro

Mutegure umunsi ku rwego rw'ishuri hanyuma musangize abandi banyeshuri ubumenyi mufite ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera Sida.

## Ikiganiro cya 25: Gukumira, guhangana no kumenya kubana n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera Sida

### 25.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije kongerera abanyeshuri ubumenyi bwo gukumira no guhangana n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA. Kirabakangurira kandi gufata ingamba ziboneye zo kwirinda hifashishijwe ubujyanama bwihuse, kwipimisha, gushaka ibimenyetso by'indwara, kuvurwa, kwita ku urwaye no kugira imyitwarire ifasha gukomeza kubaho.

## 25.2 Inkuru: Basanze yaranduye

Ababyeyi bamaze kubona ko hari impinduka n'imyitwarire idasanzwe mu buzima bw' umukobwa wabo Makwana, biyemeje kuganira na we. Bamusanze mu cyumba araramo bamubaza impamvu aryamye aho kuba yagiye mu ishuri. Yabashubije avuga ko arwaye cyane anababara umubiri wose. Ako kanya, bahise bamujyana ku kigo nderabuzima kiri hafi. Muganga amaze kumusuzuma, yababwiye ko umukobwa wabo yanduye Virusi itera SIDA, arwaye imitezi akaba anatwite. Muganga arabicaza, arabaganiriza, abagira inama anabasaba ko bitabatesha umutwe cyane abizeza ko umukobwa wabo azitabwaho uko bikwiye. Makwana n'ababyeyi baratahа ariko bababaye.



## 25.3 ibibazo byo kuganiraho

(i) Wakora iki kugira ngo wirinde ikwirakwizwa ry'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA?

(ii) Ese ni ngombwa ko umuntu afata neza kandi ku gihe imiti muganga yamwandikiye? Sobanura.

(iii) Garagaza niba ibyo izi nteruro zivuga ari ukuri cyangwa atari ukuri:

1. Uramutse ubonye ko urwaye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina wakwihutira kubimenyesha inshuti zawe. Sobanura igisubizo cyawe.

2. Igihe zitavuwe kare cyangwa ngo zivurwe neza, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zishobora kwangiza imyanya myibarukiro ku buryo zazagira ingaruka ku burumbuke bw'umuntu mu gihe kizaza.

## 25.4 Umukino

Uyu mukino uragaragaza uburyo bwo kwirinda no guhangana n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA. Urakinwa n'abanyeshuri batanu barimo abahungu babiri n'abakobwa batatu:

- Umukobwa wa mbere akina ari umuganga;
- Umukobwa wa kabiri akina ari umuntu wandujwe n'umuhungu ukiri muto;
- Umuhungu wa mbere akina ari umujyanama mu bijyanye n'ihungabana;
- Umukobwa wa gatatu akina ari umubyeyi;
- Umuhungu wa kabiri akina ari umurwayi wanduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina;
- Abandi banyeshuri bose basigaye barareba banagire icyo bavuga ku byo babonye.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Kwirinda biruta kwivuza.
- Kwifata (kudakora imibonano mpuzabitsina) no kugira imyitwarire iboneye nibwo buryo bwiza bwo kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

## 25.5 Umukoro

Mutumire umuforomo wo ku kigo nderabuzima kiri hafi aze gutanga ikiganiro ku ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina na Virusi itera SIDA.

# Ikiganiro cya 26: Ihezwa n'itotezwa ry'abafite agakoko gatera Sida


## 26.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gusobanura akato n'ihezwa bikorerwa abanduye Virusi itera Sida mu mashuri no mu miryango n'uburyo bwo kubyirinda.

## 26.2 Inkuru: Makwano mu kato


Ababyeyi ba Makwana bamuvanye mu ishuri bamujyana kwa nyirakuru. Nyirakuru yamushyize mu gakoni ko hanze. Yahoraga yigunze, arira, aganya atanabasha kuvugana na nyirakuru kuko yari yaramurakariye cyane. Nk' umubyeyi wese wabyaye, Makwana yari akeneye indyo yuzuye. Ku bw'amahirwe ye make, yaryaga rimwe ku munsi, kandi ntahage, ntabone n'icyo kunywa. Ntiyafataga imiti igabanya ubukana bwa Virusi itera Sida uko bikwiye bituma atangira kurwara indwara z'ibyuririzi. Umunsi umwe, Nyirakuru yatumyeho ababyeyi be ababwira ko umukobwa wabo arembye cyane. Ababyeyi bamusubije ko nta mwanya wo kumwitaho bafite. Umuyobozi w'umudugudu yaje gusura umukecuru ahasanga Makwana kandi amerewe nabi cyane. Nk' umuyobozi, umukuru w' umudugudu yabonye uburemere bw' ikibazo ahita ahamagaza imbangukiragutabara ajyanwa ku bitaro. Makwana yahise ahabwa ibitaro abimaramo ibyumweru bibiri. Muri icyo gihe cyose, ababyeyi be ntibigeze bamusura. Amaze kwijajara, yasezerewe mu bitaro, agirwa inama yo kujya abonana n'umujyanama w'ubuzima nibura kabiri mu kwezi.

Igihe yagiranaga ikiganiro cya mbere n'umujyana w'ubuzima, yasabwe gutanga nomero ya telefoni y'ababyeyi be. Mu kiganiro gikurikira, yaje gutungurwa no kuhahurira n'ababyeyi be. Ababyeyi bagiriwe inama hanyuma bakira ibyababaye kuri Makwana bemera no kumwitaho. Makwana n'ababyeyi be basubiye mu rugo bishimye maze nyuma y'igihe gito yibaruka umwana w'umuhungu. Nyuma y'amezi atandatu, Makwana yasubiye mu ishuri.









## 26.3. Ibibazo byo kuganiraho

(i) Mwumva Makwana yarakiriye ate icyemezo cyo kumuvana mu ishuri akajyanwa kwa nyirakuru?

(ii) Ni gute wasobanura imyitwarire ya Makwana mbere yo kujyanwa kwa muganga?

(iii) Ni izihe nyungu zavuye mu bujyanama bwakorewe Makwana?

(iv) Wumva umerewe ute iyo wumvise iyi nkuru?

(v) Ku ishuri ryanyu cyangwa aho mutuye, nta muntu mwaba muzi watejwe agahinda gakomeye cyangwa agahezwa mu bandi bitewe n'uko yanduye Virusi itera SIDA?

## 26.4 Umukino

Abanyeshuri barakina berekana izindi ngero z'akato n' ihezwa bikorerwa abanyeshuri banduye Virusi itera Sida ku ishuri cyangwa mu miryango batuyemo (kwanga kubahereza umukono, kwicarana nabo, gusangira no kuvugana nabo kubera ko banduye Virusi itera SIDA).

**Ubutumwa bw' ingenzi :**

- Umuntu wanduye Virusi itera SIDA ni umuntu nkawe;
- Ntugacire urubanza cyangwa ngo ushinje umuntu amakosa kubera ko yanduye Virusi itera SIDA;
- Irinde kwanduza abandi igihe wanduye indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina cyangwa Virusi itera Sida;
- Ubaha kandi ufashe mugenzi wawe wanduye Virusi itera SIDA.

### 26.5 Umukoro

Muzajye gusura ishyirahamwe rizwi ry'abarwayi banduye Virusi itera SIDA riri aho mutuye, mubabaze ibibazo bahura nabyo, muzabigeze kuri bagenzi banyu mu kiganiro cy' ubutaha.

## Ingingo ya IV Imyitwarire y'abangavu n'ingimbi iganisha kubikorwa byateza ibyago

Ingimbi n' abangavu bahura n' imyitwarire idahwitse ijyanye n' igihe cy' ubugimbi n' ubwangavu bagezemo. Iyi ngingo ikubiyemo ibiganiro bitatu bikurikira:

- Kubatwa n' inzoga n' ibindi biyobyabwenge;
- Ingero z' imyitwarire iteye inkeke ku bakobwa n' abahungu ;
- Ingaruka z' imyitwarire iteye inkeke ku bakobwa n' abahungu.

## Ikiganiro cya 27: Ibisindisha n'ikoreshwa ry'ibintu bifite ingaruka ku buzima

### 27.1 Intego z' ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumva ububi bw' ibiyobyabwenge ku ishuri no mu miryango.

### 27.2 Inkuru: Yigize ruharwa

Hari umwana w' umuhungu wahawe urumogi kugira ngo ajye arucuruza yihishe muri bagenzi be ku ishuri. Abaruguze barunyoye bihishe rurabasindisha. Ku munsi w' ishuri, bose baje bakererewe, basa nabi

batanakoze imikoro y' amasomo bari bahawe. Kuva icyo gihe, abo banyeshuri bakomeje kurangwa n'imyitwarire mibi. Umunsi umwe, umwarimu wabo yaje kubabaza impamvu y' iyo myitwarire idahwitse bakomeza kugaragaza. Kubera ko bakoreshwaga n'ibiyobyagwenge, aho kumwumva cyangwa ngo bamusobanurire, baramwadukiriye baramukubita. Abo banyeshuri bahise batoroka. Mu nzira bataha, abo bana banakoze ibindi bikorwa by' urugomo nko gushikuza amasakoshi abagore bahuye nabo. Iwabo, abo bana bakomeje kugaragaza imyitwarire mibi basuzugura ababyeyi babo bigera n'aho binubirwa n'abaturanyi.



## 27.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Garagaza imyitwarire idahwitse iri muri iyi nkuru.

(ii) Ni iki cyateye bariya banyeshuri kugira imyitwarire idahwitse?

(iii) Aho mutuye, ni ibihe biyobyabwenge bihiganje?

(iv) Ni iki gituma abakobwa n'abahungu bashaka gukora imibonano mpuzabitsina nyuma yo kunywa ibiyobwabwenge?

(v) Tanga ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge zigaragara ku ishuri cyangwa aho mutuye.

(vi) Ni izihe ngamba zo kurwanya ibiyobyabwenge mwafata?

### 27.4 Umukino

Abanyeshuri bakina bigana abantu bakemura ibibazo by'ikoreshwa n'ikwirakwizwa ry' ibiyobyabwenge.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Kubatwa n'inzoga n'ibiyobyabwenge bigira ingaruka ku buzima bw' ubifata (ku mubiri, ubuzima bwo mu mutwe) no ku muryango muri rusange (gusesagura umutungo, amakimbirane).
- Ibiyobyabwenge bimaze guhitana abasore n' inkumi batari bake.
- Ibiyobyabwenge bituma abanyeshuri bata ishuri.

### 27.5 Umukoro

Tanga ingero z' ibikorwa byakwibandwaho ku munsi wo kurwanya ibiyobyabwenge ku ishuri.

## Ikiganiro cya 28: Imyitwarire iteye impungenge mu rubyiruko

### 28.1 Intego y' ikiganiro


Iki kiganiro gisobanura impamvu zitera imyitwarire idahwitse mu basore n' inkumi. Izo mpamvu ni nko kutagira amakuru ku burenganzira bwabo, no ku myitwarire ikwiye y' ubuzima, gushaka ibyo utavunikiye, impamvu zishamikiye ku bintu bitandukanye nko kugira inshuti y' umugore cyangwa umugabo ukuze w' umushukanyi [sugar mummies/daddies]), ikigare, kutubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye, kutagira abantu b' icyitegererezo, kudahana amakuru n' ibindi.

### 28.2 Inkuru: Iraruka ry Gacuma igice 1

Gacuma yari umusore w' imyaka 15 y' amavuko. Yigaga mu mwaka wa gatatu w' amashuri yisumbuye. Ku nzira igana ku ishuri hari hatuye umugore mwiza. Hashize igihe Gacuma aca muri iyo nzira, wa mugore yatangiye kujya amuhamagara akamubaza ibibazo birebana n' ubuzima bw' umuryango we. Gacuma yamubwiye ko atuye ku kandi gasozi gateganye n' ake. Umunsi umwe, uwo mugore yahamagaye Gacuma aramugaburira amuha n' icyo kunywa. Mu kiganiro bagiranye, yamwijeje ko azajya amuha ikintu cyose azakenera. Mbere

yo kugenda, yamwereye ko azajya ahora aza iwe gufata ifunguro rya saa sita rimeze neza nta kiguzi. Hashize iminsi mike, wa mugore yajyanye Gacuma ku isoko amugurira imyenda mishya na telefoni igezweho (smart phone). Guhera icyo gihe yatangiye kwita Gacuma utuzina ngo 'rukundo rwanjye', akanamubwira utugambo turyohereye ngo afite igikundiro, ni mwiza, arubaha, asa neza, ni umuhanga n' utundi. Nyuma y' iminsi ibiri, wa mugore yasabye Gacuma kuza kumusura kandi yiteguye kurara akabeshya ababyeyi be ko agiye kurara iwabo w' abana bigana ngo bafatanye gusubiramo amasomo. Ahageze, yamwakirije inzoga aranywa arasinda. Iryo joro Gacuma ararana na wa mugore.





## 28.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Garagaza imyitwarire idahwitse ivugwa muri iyi nkuru.

(ii) Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Gacuma n' umugore.

## 28.4 Umukino

Mwitoremo abantu babiri, umuhungu n' umukobwa, umuhungu akine yigana Gacuma naho umukobwa akine yigana umugore uvugwa mu nkuru.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Abasore n'inkumi bafite uburenganzira ku makuru y' ukuri kandi yuzuye.
- Abasore n'inkumi bakwiye kwigira ku bantu barangwa n'imyitwarire ihwitse.
- Ni ngombwa kugira umuntu wizewe usangiza amabanga yawe, urugero ababyeyi, abarimu, bagenzi bawe, abakora mu buzima, abayobozi b'amadini n'amatorero n'abandi.

### 28.5 Umukoro

Muganire ku bigusha bituruka kuri ba mucutse umumpe cyangwa inshuti y'umugabo cyangwa umugore ukuze w' umushukanyi.

## Ikiganiro cya 29: Ingaruka z' imyitwarire idahwitse mu rubyiruko

### 29.1 Intego y' ikiganiro

Iki kiganiro kigamije kumvisha abanyeshuri ingaruka z' imyitwarire idahwitse ku rubyiruko.

### 29.2 Inkuru: Iraruka ry Gacuma igice 2

Hashize amezi abiri, wa mugore abwira Gacuma ko yamuteye inda. Gacuma arikanga atangira kugira ubwoba no kwibaza uko azifata imbere y' ababyeyi be nibabimenya. Wa mugore aramubwira ati: "Gacuma, humura ni ibisanzwe. Nawe wabaye umugabo nka so ntukiri umwana". Gacuma yemera ibyo amubwiye akomeza ubucuti n'uwo mugore. Uwo mugore nawe yakomeje kujya aha Gacuma amafaranga ariko Gacuma nawe wari umaze kuraruka akayakoresha yishakira utundi dukobwa tw'incuti turi mu kigero cye. Umunsi umwe, Gacuma yatumiye incuti ze bigana ndetse na ba bakobwa bose bahurira mu kabari, baranywa, barya inkoko n'amafiriti. Aho gutaha iwabo, abo basore n'inkumi, buri wese n'uwe bagiye gukodesha ibyumba barararana banakora imibonano mpuzabitsina idakingiye.



## 29.3 Ibibazo byo kuganiraho

1. Gira icyo uvuga ku myitwarire ya Gacuma ivugwa mu nkuru.
2. Vuga ingaruka z' imyitwarire mibi igaragara muri iyi nkuru.
3. Ni iki utekereza ko gishobora kuzaba kuri Gacuma na bagenzi be nyuma yo gukora imibonano idakingiye ?

## 29.4 Umukino

Mwitoranyemo abantu batatu (umuhungu umwe n'abakobwa babiri) mu itsinda ryanyu: umuhungu akine yigana Gacuma, umukobwa umwe akine nk' uwari mu kabari na Gacuma naho undi mukobwa akine nk'uriya mugore wari inshuti ya Gacuma.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Mukomere ku busugi n'ubumanzi bwanyu kugeza igihe muzashyingirirwa.
- Mwirinde ibishuko bya ba mucutsumumpe cyangwa inshuti z'abagabo/abagore bakuze b'abashukanyi (sugar mummies/daddies).
- Sobanuza ibirebana n'ubuzima bw'imyororokere, ihohoterwa, ibiyobyabwenge n'ikoreshwa ryabyo.

## 29.5 Umukoro

Muhimbe umukino ujyanye n'ibishuko bya ba mucutsumumpe cyangwa inshuti z' abagabo/abagore bakuze b'abashukanyi (sugar mummies/daddies) hanyuma muzawukine mu itsinda ubutaha.

# Ingingo ya V Kumenya kwibeshaho no kwisobanura

Uko umuntu aganira n'abandi, uko yisobanura cyangwa atanga ibitekerezo bye ni ingenzi mu buzima. Bishobora gutuma umuntu agera kubyo yifuza byose mu buzima.

Iyi ngingo ikubiyemo ibi bikurikira:

- Inshoza ku bushobozi bwo kuganira no kwisobanura.
- Kwisobanura ushize amanga (uburyo bwo kumvikanisha no guhagarara ku bitekerezo n'ibyiyumviro bye mu nyungu rusange).
- Uburyo bwo gukemura ibibazo no kumenya uko wasaba icyo ushaka.
- Uburere mbonerabitsina, ubuzima bw'imyororokere n'itumanaho.
- Uburyo bwite bwo kwikemurira ibibazo.
- Guteganyiriza ejo hazaza.

# Ikiganiro cya 30: Uburyo bwo kuganira no kwisobanura

## 30.1. Intego y'ikiganiro


Iki kiganiro kigamije guha abahungu n'abakobwa, buri wese umwanya wo kwitoza kuganira, gusaba icyo ushaka, kwemera cyangwa guhakana ushimitse, kumvikanisha no guhagarara ku bitekerezo n'ibyiyumviro byawe. Kigamije kandi kubaha uburyo bwo gukemura ibibazo mu mahoro no kugirana ubucuti nyabwo bubahana.

## 30.2. Inkuru: Imyitwarire ya Masusa

Masusa yatonze umurongo ku kigo nderabuzima. Ahamaze isaha, yatangiye kurakara kuko yari afite umushoferi wa tagisi wari umutegereje ngo amusubize mu rugo. Hasigaye abantu batanu imbere ye, yari atangiye kwizera ko bagiye kumugeraho mu kanya gato. Hasigaye abantu babiri, umuforomokazi ashyira abantu bakuze umunani imbere ya Masusa. Masusa umujinya uramwica atangira kwibaza ukuntu ari bwishyure amafaranga menshi tagisi imutegereje. Atangira gutera hejuru atuka uwo muforomokazi, aratongana, ashwana n'abari aho bose.

Ushinzwe umutekano araza ategeka Masusa kubahiriza icyemezo bahawe n'umuforomokazi bitaba ibyo agasohoka mu kigo nderabuzima. Masusa acisha make, arongera aricara. Nyuma y'iminota mike, atekereza ku byo yakoze, yiyemeza gusaba imbabazi abari aho bose abasobanurira ko yabitewe n'uko yihutaga. Bose bishimira icyemezo Masusa yafashe, maze basaba umuforomokazi kumureka agatambuka akivuza.





## 30.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Masusa yagombaga kwitwara ate mu bibazo byose yahuye nabyo ubwo yari ku murongo agiye kwivuza?

(ii) Muganire ku buryo umuntu yakwitwara kugira ngo yisobanure neza agaragaza ibibazo bye.

(iii) Muvuge akamaro ko kuganira neza, kwisobanura no kumenya kumvikanisha igitekezo runaka.

(iv) Vuga zimwe mu mbogamizi zibangamira gushyikirana mu biganiro (kuba abantu bisobanura bakumvikana).

## 30.4 Umukino

Mwihitemo abakobwa batatu n'abahungu batatu bakine ibi bikurikira:

- Umukobwa umwe n'umuhungu bakine batinya kuvuga ku buryo bweruye ibyo bashaka cyangwa bifuza (gusaba gukundana, uruhushya n' ibindi).
- Umukobwa umwe n'umuhungu bakine batongana.
- Abandi babiri bakine bumvikana neza, baganira kandi buri wese yumva undi.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Hagarara ku kuri kwawe ariko ubikore mu kinyabupfura.
- Gira umuco wo gutega amatwi ibyo abandi bakubwira.
- Jya ubanza kumva (gutega amatwi no gutekereza) mbere yo kuvuga cyangwa gusubiza.

### 30.5 Umukoro

Mu matsinda atatu, muganire kuri izi ngingo zikurikira maze mutegure inshamake muzabwira abandi ubutaha:

- Gusobanukirwa ibiganirwaho ni ingenzi mu kuganira.
- Ushobora kugira ibitekerezo byiza, ariko iyo utabigaragaje ntaho byakugeza.
- Kumvikana mu biganiro ni imwe mu nzira yo gukemura ibibazo

## Ikiganiro cya 31: Kwisobanura ushize amanga

### 31.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije kwereka abanyeshuri uko bashobora kwisobanura bashize amanga, bahagarara ku bitekerezo byabo bubaha uburenganzira, ibitekerezo, imyumvire n'imyemerere y'abandi.

### 31.2 Inkuru: Matavu ahangana n'ibishuko

Umunsi umwe umugabo Kazizi yahuye n'umukobwa witwa Matavu avuye kwiga maze Kazizi aramwibwira. Amubwira ukuntu ari mwiza amusaba kumubera inshuti. Matavu aramushimira mu kinyabupfura amubaza icyo ubwo bucuti bwaba bugamije. Kazizi amubwira ko ashaka ko baba inshuti zikomeye. Yongeraho ko bajya banasohokana bakajya kwishimisha. Matavu ashima ibyo amubwiye ariko amusubiza agira ati:"Byari byiza iyo nza kuba ndi mukuru ngana nawe, ndacyari muto kandi nkeneye kurangiza amashuri yange mbere y'uko nshaka umukunzi." Kazizi ararakara atangira kumutuka agira ati: "Ndakuzi ubwo uri indaya y'udusore twinshi two muri uyu murenge!"


Sinakora imibonano mpuzabitsina nawe!


Ndiyubaha, gumana amafaranga yawe n'izo mpano zawe!

## 31.3 Ibibazo byo kuganiraho

1. Musobanure amagambo akurikira:
   a. Kuganira
   b. Kwisobanura
   c. Gushyikirana

## 31.4 Umukino

(i) Koresha ibice by' umubiri (umutwe, intoki, amaso, isura) uhakanire umuntu icyo agusabye.

(ii) Sangiza bagenzi bawe ikibazo wahuye nacyo, uburyo wisobanuye n' uko byakugendekeye.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

Abana b'abakobwa bagomba kwiyama abagabo babashuka.

## 31.5 Umukoro

Mu matsinda atatu muganire kuri imwe muri izi ngingo zikurikira, mutegure inshamake muzayibwire abandi ubutaha.

1. Biragoye kwisobanura ushize amanga. Niba ari byo sobanura.
2. Wakumvikanisha ute ibitekerezo byawe n'ukuri kwawe nta muntu uhutaje?

# Ikiganiro cya 32: Uburyo bwo gukemura ibibazo no kumenya uko wasaba icyo ushaka

## 32.1 Intego y'ikiganiro


Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kugira ubumenyi ku buryo bwo gukemura ibibazo no kumenya uko wasaba icyo ushaka batabangamiye abandi.

## 32.2 Inkuru: Umukobwa w'umutima

Umugoroba umwe, Mamesa yavuye ku ishuri akererewe. Mu nzira ahura n'abana babiri bo mu muhanda. Baramuhagarika, bamusaba guhitamo ikintu kimwe muri ibi: kwemera ko tugusambanya cyangwa kukwambura imyenda yose ugataha wambaye ubusa. Abasaba ko babiganiraho bakareba niba nta

kindi kintu gishoboka bakora. Bemera ko babiganiraho. Ati: “Nta kuntu twajyana maze nkabaha ibihumbi mirongo itanu?” Umuhungu umwe ati: ashwi da! So n’abaturanyi banyu bashobora kudufata.”

Mamesa arabahumuriza. Undi muhungu, we ati: “Turabyemeye ariko nutubeshya, ubutaha tuzakwereka.” Baragenda berekeza iwabo wa Mamesa. Bigiye imbere gato bahura na musaza we mukuru. Mamesa amucira amarenga akoresheje umutwe amwereka ko ari mu kaga. Musaza we arahagarara atangira kuganiriza abo bahungu, bamubwira ibyo basezeranye na mushiki we. Ahindura icyerekezo, abajyana iwe abaha ibiryo n’ibyo kunywa. Bamaze gufungura barishimye kuva ubwo babanira neza Mamesa.




## 32.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Iyo uza kuba Mamesa wari gukoresha ubuhe buryo bwo kwikura mu kaga yari ahuye nako?

(ii) Vuga niba wemeranya cyangwa utemeranywa n’ibi bikurikira usobanure;

a. Kumvikanisha icyo ushaka bibaho iyo abantu bavuga ibintu bitandukanye, bakabijyaho impaka kugeza ubwo babifasheho umwanzuro

b. Kumvikanisha icyo ushaka biba hagati y’abantu babiri cyangwa benshi.

c. Kumvikanisha icyo ushaka bikemura ibibazo, birinda kutumvikana cyangwa gupfa kwemera ibyo utatanzeho igitekerezo.

## 32.4 Umukino

1. Muhitamo abakinnyi babiri umuhungu n'umukobwa
   - Umukobwa akina arimo umuhungu ideni ry'amafaranga ibihumbi bitanu
   - Umuhungu akina yishyuza wa mukobwa ya mafaranga agaragaza ko ayakeneye cyane.
2. Muhitamo abakinnyi babiri umuhungu n'umukobwa
   - Umukobwa akina ari inshuti y'umuhungu
   - Umuhungu akina ari inshuti y'umukobwa

Bakina bigana abajya impaka ku mpamvu batagomba gukora imibonano mpuzabitsina mbere yo gushyingirwa, umwe abyemera undi abihakana ariko buri wese ahagaze ku gitekerezo ke.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

- Kumvikanisha icyo ushaka bishobora kugufasha guhangana n'ibibazo bikomeye kandi wifitiye ikizere.
- Kumvikanisha icyo ushaka birinda amakimbirane.

## 32.5 Umukoro

1. Tanga ingero zo kumvikanisha icyo ushaka::
   a. Kumvikanisha icyo ushaka abantu babiri bombi baguye miswi (ntawatsinze ntawatsinzwe.)
   b. Kumvikanisha icyo ushaka ugomba gutsinda uko byagenda kose.
2. Wakemura ute ibibazo bikurikira?
   a. Inshuti zawe zishaka ko mwasangira ibiyobyabwenge kandi nutabikora bakugaya.
   b. Inshuti yawe y'umuhungu ntikunda abakobwa bagenzi bawe none irashaka ko utazongera kugendana no kuvugana na bo.
   c. Inshuti yawe ikurimo ideni rya 10.000 Frw ariko ntishaka kukwishyura kandi ayo mafaranga urayakeneye byihutirwa.

d. Urashaka gukora imibonano mpuzabitsina n'umukobwa cyangwa umuhungu w'inshuti yawe ariko we ntabishaka.


## Ikiganiro cya 33: Ubumenyi mbonerabitsina n'ikoreshwa ry' imbuga nkoranyambaga

### 33.1. Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri gusobanukirwa ingaruka zo gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga ku myitwarire mbonerabitsina no kubaha umurongo zikwiye gukoreshwamo.

### 33.2. Inkuru: Itondere ikoranabuhanga

Teki ni umwana w'umuhungu w' imyaka 16 y' amavuko. Akunze kumara umwanya munini mu cyumba ke ari wenyine areba amashusho kuri telefoni ye umukobwa w' inshuti ye amwoherereza yambaye ubusa amubwira ko amukunda. Umunsi umwe, nyina yakomanze ku rugi rw' icyumba ke umuhungu abwira nyina ngo abe aretse kwinjira. Muri uwo mwanya afata amashuka ye n'imyenda ararana abishyira mu gatete basanzwe bashyiramo imyenda yo kumesa.



## 33.3. Ibibazo biganirwaho

(i) Sobanura impamvu Teki yasabye nyina kudahita yinjira mu cyumba ke.

(ii) Kuki Teki yashyize amashuka n'imyenda ararana mu gatete bashyiramo imyenda yo kumesa?

(iii) Muganire ku ngaruka zo gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga ku myitwarire mbonerabitsina mu rubyiruko.

(iv) Ni gute wafasha inshuti yawe yahuye n'ibibazo biturutse ku gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga?

## 33.4. Umukino

Mukine mwigana ibivugwa mu nkuru yavuzwe hejuru, mugaragaza ingaruka zo gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga ku bijyanye n'uburere mbonerabitsina mu rubyiruko. Mushobora gutangirira ku byo musanzwe muzi cyangwa ibyo mwumvanye bagenzi banyu..

### Ubutumwa bw'ingenzi

- Gukoresha nabi imbuga nkoranyambaga bishobora gutera imyitwarire idahwitse ku bijyanye n'uburere mbonerabitsina.
- Urubyiruko rugomba kugira ubushishozi mu gukoresha imbuga nkoranyambaga.

## 33.5. Umukoro

Ni izihe mbuga nkoranyambaga muzi zikunze gukoreshwa n' urubyiruko?

**Intambwe ya 1:** Hitamo ubutumwa bwamamaza uri busesengure.

**Intambwe ya 2:** Ifashishe ibibazo bikurikira mu gusobanura ubutumwa bwamamaza urimo gusesengura.

a. Ni ikihe gicuruzwa cyangwa serivisi ubwo butumwa bwamamaza?

b. Ni bande ubwo butumwa bwamamaza bugenewe? Vuga ikigero k'imyaka yabo, umuco, igitsina, icyiciro cy'ubudehe.

c. Ni iki ubu butumwa bwamamaza buvuga ko iki gicuruzwa cyakora cy'umwihariko?

d. Ni ubuhe butumwa cyangwa indagagaciro ubu butumwa bwamamaza bukwirakwiza? Buri mu mvugo yumvikana cyangwa imvugo ishushanya/izimije?

e. Ese muremeranywa n'ubu butumwa cyangwa ntimwemeranywa nabwo?

f. Abantu bari muri ubu butumwa (abanyarubuga) bwamamaza bagaragara bate?

g. Ni irihe somo dukura muri ubu butumwa bwamamaza ku bijyanye n'uburere mbonerabitsina?

## Ikiganiro cya 34: Bumwe mu buryo bwo kwikemurira ikibazo bwitwa STAR mu magambo ahinnye y'Icyongereza.

(**STAR**=**S**ituation, **T**ask, **A**ction and **R**esults) hakurikijwe imiterere y'ikibazo, umuntu wese ahabwa inshingano, hakorwa igikenewe hagamijwe kugera ku gisubizo kiza.

### 34.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije kwigisha abana b'abakobwa n'ab'abahungu bumwe mu uburyo bukoreshwa mu kwikemurira ibibazo bishingiye ku mibonano mpuzabitsina bwitwa STAR mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Bisobanura (Situation,Task,Action and Results).Tugenekereje mu Kinyarwanda, ni uburyo bwo gukemura ikibazo ubanje kureba imiterere yacyo yihariye, ukareba icyo ugomba gukora n'uko ugomba kugikora hanyuma ugasuzuma icyo wagezeho.

### 34.2 Inkuru: Agahinda ka Kanny

Kanny ni umwana w'umukobwa ufite imyaka 17 y'amavuko. Ababara mu myanya ndangagitsina akaba yibaza uburwayi afite. Ijoro ryose arara yibaza ku burwayi bwe. Afite impungenge ko atazashyingirwa ngo abyare.

Yigiriye inama yo kujya kwa muganga kwisuzumisha ngo amenye iby'uburwayi bwe.




## 34.3. Ibibazo byo kuganirwaho

(i) Tanga inama isumba izindi ku buryo Kanny yakwifashisha mu kwigobotora indwara y' agahinda yatewe n' ikibazo afite.

(ii) Musobanure uburyo Kanny yakoresha tekiniki ya (STAR) kugira nga ashobore kwikemurira ikibazo.

## 34.4 Umukino

Himba umukino uvuga nk'ibyavuzwe mu nkuru. Hitamo abantu babiri umwe mumwite Kanny undi mumwite Muganga.

### Ubutumwa bw'ingenzi:

- Ganiriza mugenzi wawe wizeye ikibazo cyangwa imbogamizi waba waragize mu buzima.
- Buri gihe ujye uhitamo uburyo bwiza wakoresha ngo wikemurire ibibazo.

## 34.5 Umukoro

Uretse tekiniki ya STAR, sobanura ubundi buryo bwakoreshwa mu gukemura ibibazo.

# Ikiganiro cya 35 : Gutegura ejo hazaza

## 35.1. Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro gifasha abana n'urubyiruko kumva akamaro ko gutegura ejo hazaza habo

## 35.2. Inkuru: Winshuka

"Wikwitesha umutwe, Kwiga si ibyawe" wari umuturanyi wacu Gakumi. Rimwe narimwe twaricaranaga agatangira kumbwira inkuru z'ukuntu yatangiriye hasi kugeza agize inzu itunganya imisatsi kandi atarigeze ajya mu ishuri. Yari hafi yo kunjyana muri iyo nzira yaciyemo. Muri jye, numvaga nkeneye ibirenze ibyo. Ubuzima ntibwari bwaranyoroheye biryo rero narinzi neza ikimbereye. Icyo nazirikanaga ni uko kugira ngo mbe umunyamakuru nk'uko nabyifuzaga, nagombaga kwiga cyane. Mfite imyaka cumi n'icyenda, nemerewe kwiga itangazamakuru muri kaminuza y'u Rwanda. Iyi yari indi ntambwe mu buzima bwanjye. Iyi nkuru ni iya Nyakarabo.






## 35.3. Ibibazo biganirwaho

(i) Ni irihe somo ukuye muri iyi nkuru ya Nyakarabo ?

(ii) Tanga ibitekerezo kuri iyi ngingo, "amateka y'umuryango wawe ntagena ahazaza hawe"

## 35.4. Umukino

Abanyeshuri babiri babishaka bakina bigana ibivugwa mu nkuru iri hejuru. Umwe akina yigana Nyakarabo naho undi agakina yigana Gakumi.

**Ubutumwa bw'ingenzi**

- Ni ingenzi gukora igenamigambi ry'ahazaza hawe kugirango riyobore ibyifuzo n'inzozi zawe
- Kubaka ejo hazaza hawe bitangira uyu munsi.

## 35.5. Umukoro

Ganira ku ibyifuzo n'inzozi zawe n'umuntu wizeye nk'abagize umuryango wawe, umujyanama, mwarimu, umuyobozi w'idini, umufashamyumvire maze wandike igenamigambi ry'ahazaza hawe.

INSANGANYAMATSIKO YA: 4

# IMYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE YITA KU IHAME RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

## Intangiriro

Imyigire n'imyigishirize yita ku ihame ry' uburinganire n'ubwuzuzanye bivuze imyigire n'imyigishirize yita by'umwihariko ku bibazo byihariye by' abana bose, abakobwa n' abahungu, ku buryo bungana. Ihamagarira abarimu kwita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu masomo bategura, mu buryo bayigisha n' uko bayakorera isuzuma. Ibashishikariza kandi no gushyira abanyeshuri mu buryo bubafasha kwiga neza (uko bicara, aho bicara, ibyo bakoresha bitababangamira n'ibindi) no kugira imyifatire ikwiye. Iyi nsanganyamatsiko igizwe n'ibiganiro birindwi (7) bikurikira:

- Imfashanyigisho zita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Gutegura amasomo hitawe ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Gukoresha mu ishuri imvugo ikwiye yita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
- Imiterere y'icyumba k'ishuri mu gihe k'imyigire n'imyigishirize.
- Imikoranire n' imibanire ikwiye hagati y' abarezi n' abanyeshuri no hagati y' abanyeshuri ubwabo.
- Imiyoborere y' amashuri yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye.
- Indangagaciro zita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.


## Ikiganiro cya 36: Imfashanyigisho zita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

### 36.1 Intego z'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gushimangira ko imfashanyigisho zifashishwa mu myigire n'imyigishirize zigomba gusuzumwa ko zubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mbere yo gukoreshwa kugira ngo hatabaho gukoresha imfashanyigisho ziheza cyangwa zibogama bishingiye ku gitsina.

## 36.2 Ikiganiro: Imyigishirize ya Gacuma

Gacuma ni umwarimu wigisha isomo ry'ubutabire mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye. Mu shuri rye harimo abakobwa 18 n'abahungu 12. Muri aba banyeshuri be bimutse bava mu mwaka wa kabiri, batanu ba mbere bagize amanota meza mu masomo ya siyansi bari abakobwa. Mu gitabo cy'ubutabire cyakoreshwaga mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye harimo amafoto y'abanyeshuri b'abahungu gusa. Bagaragaraga mu mikorongiro y'ubutabire berekana uko ikorwa hakoreshejwe ibikoresho bya siyansi. Abakobwa bagaragaraga barimo kurebera uko bikorwa. Mu mikorongiro yose yakorerwaga muri laboratwari, Gacuma yakoreshaga abahungu gusa. Bidatinze umubare w'abanyeshuri b'abakobwa bajyaga muri laboratwari waragabanutse. Igihembwe kirangiye, abanyeshuri b'abakobwa batsinzwe isomo ry'ubutabire. Umuyobozi w'ikigo asaba mwarimu Gacuma gusobanura impamvu abanyeshuri b'abakobwa basubiye inyuma bakagira amanota make mu isomo rye ry'ubutabire. Mu gihembwe cya kabiri, umuyobozi w'ikigo yafashe umwanzuro wo guhindura umwarimu w'isomo ry'ubutabire.



## 36.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Kuki abanyeshuri b'abakobwa batsinzwe isomo ry'ubutabire mu gihembwe cya mbere?

(ii) Ese birakwiye ko abanyeshuri b'abahungu bakora imikorongiro ikorerwa muri laboratwari bonyine bagenzi babo b'abakobwa babarebera?

(iii) Ese mwarimu Gacuma yarabutswe ko abanyeshuri b'abakobwa batitabiraga imikorongiro muri laboratwari?

(iv) Uratekereza ko umwanzuro wafashwe n'umuyobozi w'ikigo wo guhindura umwarimu w'isomo ry'ubutabire uzakemura ikibazo k'imitsindire y'abakobwa mu isomo ry'ubutabire ? Sobanura.

## 36.4 Umukino

Abanyeshuri bakore amatsinda atatu:
**Itsinda rya mbere:** Mukine mwerekana abanyeshuri b'abahungu n'abakobwa basangira inshingano mu bikorwa byabo mu ishuri.

**Itsinda rya kabiri:** Mukine mwerekana abanyeshuri b'abahungu n'abakobwa badasangira inshingano mu bikorwa byabo mu ishuri.

**Itsinda rya gatatu:** Mugire icyo muvuga kuri iyo mikino yombi yakinwe.

### Ubutumwa bw'ingenzi

- Imfashanyigisho zose zikoreshwa mu myigire n'imyigishirize zigomba kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye zifasha abakobwa n'abahungu ku buryo bungana.
- Umwarimu agomba kwita ku ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye.

## 36.5 Umukoro

- Tira igitabo mu isomero, ugisesengure maze werekane ubusumbane ubwo aribwo bwose buri mu nyandiko n'amashusho.
- Mutembere mu kigo hose maze mugende mwitegereza ibyo muhabona byose nk' ibyapa, inyandiko n' amashusho bimanitse, icyumba cy'abarimu, amalisiti ariho amanota y'abanyeshuri, ubwiherero bw'abanyeshuri n' abarimu, n' ibindi, hanyuma muganire mugaragaza ko ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryubahirizwa cyangwa ritubahirizwa.


# Ikiganiro cya 37: Gutegura amasomo wita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

## 37.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije guha abanyeshuri bitoza umwuga w' uburezi ubumenyi n'ubumenyingiro buzajya bubafasha mu gutegura amasomo yimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

## 37.2 Inkuru: Imyigishirize ya GihuraS

Umunsi umwe, mwarimu Gihura yateguye isomo rifite umutwe ugira uti "Akamaro k'imbuto ziribwa mu ntara y'Uburengerazuba mu Rwanda". Yateguye imfashanyigisho igaragaza abagore barimo gusarura imbuto, bakazisukura, hanyuma bakazijyana kuzigurisha ku isoko. Ubwo yarimo yigisha, yabonye ko abanyeshuri b'abakobwa aribo bonyine bakurikiraga isomo bakanamusubiza ibibazo byose abajije.Abahungu bo barimo bisakuriza ubona batitaye ku isomo rye. Mwarimu Gihura yatakaje umwanya munini asaba abahungu gukurikira isomo. Ibyo byatuma igihe cyateganirijwe isomo rye kirangira adakoresheje isuzuma.



## 37.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Ni iyihe mpamvu isomo ryarambiye abahungu?

(ii) Ni iki mwarimu Gihura yagombaga gukora kugira ngo abakobwa n' abahungu bagire uruhare mu isomo rye?

## 37.4 Umukino

Mu matsinda mukine mukosora amakosa yakozwe mu isomo rya mwarimu Gihura kugira ngo rihinduke isomo ryita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

**Ubutumwa bw' ingenzi**

Imyigire n'imyigishirize igomba gushishikariza abakobwa n' abahungu kugira uruhare rungana mu isomo.

## 37.5 Umukoro

Tegura isomo unagenzura ko ryita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye maze uzarigeze kuri bagenzi bawe mu kiganiro gitaha.


# Ikiganiro cya 38: Gukoresha imvugo ikwiye yita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ishuri

## 38.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abarimu kwirinda gukoresha imvugo n'ibimenyetso biheza cyangwa bidaha agaciro ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ishuri.

## 38.2 Inkuru: Imvigo n'imyigishirize idakwiye bya Gatebe

Mwarimu Gatebe yigisha isomo ry'imibare. Umunsi umwe yabajije ikibazo maze umukobwa witwa Gati atera urutoki ariko atanga igisubizo kitari cyo. Mwarimu abyumvise amubwirana ubukana bwinshi ati: "Uri igicucu, umutwe wawe urimo ubusa, ni ukubona ubyibushye gusa naho ntacyo uri cyo, ntacyo uzimarira mu buzima, urata igihe, nakugira inama yo kujya kurongorwa ukareka kugumya gusesagura umutungo w' ababyeyi bawe. Ubundi muri rusange abakobwa ntibashobora gutsinda imibare".




## 38.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Urumva Gati ari bwakire ate iriya mvugo y'umwarimu we isesereza kandi imutuka?

(ii) Tanga ingero z' andi magambo asesereza waba warigeze ubwirwa cyangwa wumvise?

(iii) Gati yagombaga gukora iki? Ese ishuri rya Gati ryagombaga gukora iki?

## 38.4 Umukino

Abanyeshuri babiri bahaguruke bage imbere maze basome imyandiko yo mu gitabo k'icyongereza. Abasigaye mukurikire maze muze kugira icyo mubivugaho:

(i) Imyitwarire y'umwarimu kuri buri munyeshuri urimo gusoma.

(ii) Uko abanyeshuri bagiye gusoma bakiriye imyitwarire ya mwarimu.

(iii) Umunyeshuri wa mbere asome umwandiko yahawe. Mu gihe asoma, umwarimu akomeze amushimagize amusaba gusubiramo aho atabikoze neza. Umunyeshuri wa kabiri na we asome uwo mwandiko ariko umwarimu ajye amuca intege amubwira amagambo mabi ndetse amutuka ku buryo umunyeshuri ababara ntanashobore kurangiza gusomera umwandiko bagenzi be.

(iv) Umwe umwe mu banyeshuri babishaka abwire bagenzi be uko yari kwiyumva iyo aza kuba umwe muri bariya bahawe gusoma uriya mwandiko.

(v) Ishuri ryose rihane umwanya wo kugira icyo buri wese avuga kubyo yabonye ku ruhande rwa mwarimu ndetse no ku ruhande rw'abanyeshuri. Ishuri ryose risoze rivuga uburyo bwiza bwari gukoreshwa.

**Ubutumwa bw' ingenzi**

Twirinde imvugo zibangamira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mashuri, mu miryango yacu ndetse n'aho dutuye.

### 38.5 Umukoro

Tanga ingero z'amagambo mabi abangamira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye akoreshwa ku ishuri cyangwa mu baturanyi, muzayaganireho mu kiganiro muzakora ubutaha.

## Ikiganiro cya 39: Imiterere y'icyumba k'ishuri cyubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu gihe k'imyigire n'imyigishirize

### 39.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije kwigisha abarimu n'abanyeshuri uko bakwiye gutegura ishuri bigishirizamo cyangwa bigiramo hagamijwe guteza imbere imyigire n'imyigishirize yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye.

### 39.2 I

Ishuri ribanza rya Ruhwi ryakiriye mu mwaka wa mbere abahungu 16 n'abakobwa 16. Mu gihe cy'umwaka w'amashuri wose umwarimu wabo yicaje abahungu imbere, abakobwa abicaza inyuma. Mu mwaka w'amashuri ukurikiyeho abahungu 14 n'abakobwa 10 bimukiye mu mwaka wa kabiri. Muri uwo mwaka, bahawe umwarimu mushya maze abicaza bavangavanze, umuhungu akicarana n'umukobwa. Bukeye abakobwa bahisemo kongera kwicarana na bagenzi babo b'abakobwa nk' uko bicaranaga mu mwaka wa mbere. Umwarimu abibonye abasaba gusubira mu myanya yabahaye. Abakobwa barabyanze, bamwe batangira kurira bavuga ko bashaka kwicarana n'inshuti zabo z'abakobwa bicaranaga mu mwaka wa mbere.




## 39.3 Ibibazo biganirwaho

(i) Ni iki cyatumye abana b'abakobwa banga kwicara mu myanya bahawe mu mwaka wa kabiri?

(ii) Mwarimu akibona imyitwarire y'abanyeshuri be b'abakobwa yari kubigenza ate?

(iii) Muganire ku byiza n'ibibi by'uburyo bwakoreshejwe mu kwicaza abanyeshuri mu mwaka wa mbere n'umwaka wa kabiri.

## 39.4 Umukino

Mukine mwerekana ishuri ririmo abanyeshuri bagufi bicajwe inyuma ku buryo umwarimu wabo uri imbere adashobora kubabona neza. Muganire na bagenzi banyu mubana ku ngaruka zaterwa n'ubwo buryo bwo kwicaza abanyeshuri.

**Ubutumwa bw'ingenzi**

Kwicaza abanyeshuri mu ishuri hubahirijwe ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye n' imiterere ya buri wese biteza imbere imyigire n'imyigishirize y' abakobwa n' abahungu.

### 39.5 Umukoro

Mutembere mu mashuri maze mwitegereze uburyo abanyeshuri bicajwemo maze mubiganireho.

- Imikoranire n' imibanire ikwiye hagati y' abarezi n' abanyeshuri no hagati y' abanyeshuri ubwabo.
- Imiyoborere y' amashuri yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye
- Indangagaciro zita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.


## Ikiganiro cya 40: Imyigire n'imyigishirize mu cyumba k'ishuri cy'ubahiriza amahame y'uburinganire

### 40.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gushimangira ishyirwa mu bikorwa ry' imyigire n' imyigishirize yimakaza imikoranire n' imibanire ikwiye hagati y' abarezi n' abanyeshuri no hagati y' abanyeshuri ubwabo.

### 40.2 Inkuru: Ibogama rya Gasambusa

Mbere yo gutangira isomo, mwarimu Gasambusa abanza kubaza abanyeshuri ibyo bibuka mu isomo ryaribanjirije.Abanyeshuri bamwe bavugaga ibyo bibuka mu gihe abandi bari barangaye batanashaka gusubiza. Iyo abanyeshuri babaga bakora imyitozo, Gasambusa yazengurukaga ishuri afasha abafite ibibazo agendeye ku bufasha buri wese akeneye. Ariko yafashaga abakobwa kurusha abahungu. Abarangizaga imyitozo mbere, baramucungaga, bakamugenda runono, banegura inkweto ze, ishuri ryose rigaturika rigaseka.



## 40.3 Ibibazo byo kuganirwaho

(i) Mugire icyo muvuga ku micungire y'ishuri rya mwarimu GASAMBUSA.

(ii) Ese abanyeshuri bose bafatwaga kimwe mu ishuri? Sobanura.

(iii) Vuga ku myitwarire y'abanyeshuri muri ririya shuri.

## 40.4 Umukino

Abanyeshuri icumi bakine agakino. Umwe akine ari umwarimu, abandi 9 bakine ari abanyeshuri. Abandi bose basigaye bakurikire agakino kugira ngo baze gutanga inyunganizi agakino karangiye. Ukina nk' umwarimu yicare imbere asa n'ukosora imyitozo y'abanyeshuri. Bamwe mu bahungu bagende batesha umutwe abakobwa, abandi barwane hagati yabo, mu gihe harimo bamwe mu bakobwa bajujura, baseka, banegura imyambarire y' umwarimu wabo. Nyuma y'iminota icumi, mwarimu ahite ahagarika umukino hanyuma asabe abanyeshuri kuvuga ku byo bamaze kubona.

### Ubutumwa bw'ingenzi

Imikoranire n' imibanire ikwiye yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye hagati y' abarezi n' abanyeshuri no hagati y' abanyeshuri ubwabo ifasha imyigire n' imyigishirize.

## 40.5 Umukoro

Tanga ibigaragaragaza ko hari imikoranire n'imibanire ikwiye yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye hagati y' abarezi n' abanyeshuri no hagati y' abanyeshuri ubwabo ku ishuri ryanyu.

# Ikiganiro cya 41: Imiyoborere y' amashuri yubahiriza ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye

## 41.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumenya uburyo amashuri ayoborwa hubahirizwa ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye.

## 41.2 Inkuru: Ibura ry'amazi ku ishuri rya Kivuga

Ku ishuri ryisumbuye rya Kivuga, hari hari ikibazo gikomeye cy'ibura ry'amazi meza. Ahantu honyine washoboraga gukura amazi ni ku ivomo ryari riri kure y'ishuri. Inzira yajyaga kuri iryo vomo yanyuraga mu bihuru. Ibyo byaberaga imbogamizi abanyeshuri kubera ko batashoboraga kujya kuvoma kumanywa kubera amasomo. Ntibashoboraga kandi kujya kuvoma nimugoroba kubera impungenge z'umutekano. Ibi byamaze ibyumweru byinshi. Ubuyobozi bw'ishuri bwari buzi icyo kibazo ariko ntacyo bwagikozeho.



### 41.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Ese ririya shuri ryujuje ibyangombwa byose bifasha abanyeshuri kwiga neza? Sobanura.

(ii) Vuga icyo ubuyobozi bw'ikigo bwakagombye kuba bwarakoze.

### 41.4 Umukino

Abantu barindwi bakine:

- Umwe abe umuyobozi w'ishuri,
- Undi abe umwe mu bagize komite ngenzuzi y'ishuri,
- Undi abe umurezi ushinzwe imikino na siporo,
- Abanyeshuri bane bakunda siporo bafite ikibazo cyo kugeza kuri bariya bayobozi.

Ikibazo bafite ni ukubaza impamvu abahungu ari bo bonyine bahabwa impuzankano ya siporo naho abakobwa bo ntibazihabwe. Mu nama yahuje bariya bayobozi na bariya banyeshuri habayeho kutumvikana bitewe no kudahana ijambo. Bamwe mu bayobozi bahaye agaciro ikibazo abanyeshuri babagejejeho abandi baragisuzugura.

Abanyeshuri bose bahabwa urubuga rwo gutanga ibitekerezo.

**Ubutumwa bw'ingenzi**

Imiyoborere y'amashuri inoze yimakaza ihame rw'uburinganire n' ubwuzuzanye.

### 41.5 Umukoro

Mushushanye imbonerahamwe ikurikira hanyuma muyuzuze mushingiye ku makuru y' ishuri ryanyu. Muhereye ku makuru mwabonye mugire icyo muvuga ku ihame ry' uburinganire n' ubwuzuzanye mu kigo cyanyu.

| Abagize ikigo k'ishuri | Umubare w'abagore | Umubare w' abagabo | Igiteranyo |
|---|---|---|---|
| Abagize ubuyobozi bw'ishuri | | | |
| Abarimu | | | |
| Abagize komite y'inteko rusange y'ishuri | | | |
| Abanyeshuri bahagarariye abandi mu ishuri | | | |
| Komite ya kilabu (club) | | | |
| Abayobozi b'amashami | | | |
| Abayobozi bashinzwe amasomo | | | |
| Abakozi b'ikigo bunganira mu mirimo inyuranye (Abatetsi, abashinzwe umutekano, abakora isuku n' abandi). | | | |

## Ikiganiro cya 42: Indangagaciro zimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

### 42.1 Intego

Iki kiganiro kigamije kugaragariza abanyeshuri b'abahungu n'abakobwa indangagacirozikenewe mu buzima bwabo bwa buri munsi

### 42.2 Inkuru: Njya mu kabyiniro bwa mbere

Mama wanjye ahora ambuza kujya mu bigare kubera ko biba bigizwe n'abahungu n'abakobwa bafite imyitwarire mibi (imico mibi). Ahora kandi ambwira ko ngomba kugumana n'inshuti zanjye igihe cyose twagiye mu birori. Bagenzi banjye bajya bavuga ko bifuza kuzajya kuryoshya n'abahungu ( gusohokana n'abahungu) ku ruhande rwanjye sinigeze nsohokana n'umuhungu ariko bagenzi banjye bo bajya mu babyinana n'abahungu mu kirori, umuhungu wambyinishaga yansabye ko twajyana hanze mu busitani kugira ngo dufate akayaga maze ndabyemera. Tugeze mu busitani yamfashe ku ngufu mu gihe abandi bari mu birori. Umuziki wari mwinshi cyane mu rubyiniro ku buryo nta muntu washoboraga kumva gutabaza kwanjye. Nishinje amakosa kandi numwa mfite ikimwaro.


Wanyemerera tukajya hanze gato tugafata akayaga?



## 42.3. Ibibazo byo kuganirwaho

1. Mbese koko uyu mukobwa uvugwa mu nkuru yaryohewe n'ibirori ? Sobanura igisubizo utanze
2. Inkurikizi z'icyemezo cye zabaye izihe ?
3. Rondora amakosa yakoze unagaragaze uko wayakosora ?
4. Ninde wundi twagaya ( twanenga) ? Sobanura

## 42.4 Umukino

Mukine mwigana abanyeshuri babiri batorotse ishuri bakajya mu kabyiniro, bakanywa bagasinda bakanarwana maze polisi ikabafata.

**Ubutumwa bw'ingenzi:**

Nibyiza kugira abo ubana na bo ariko tugomba guhitamo inshuti nziza.

## 42.5 Umukoro

– Mukore urutonde rw'imyitwarire mibi igaragara ku ishuri no munkengero zaryo.

– Mugaragaze ingamba zakoreshwa mu guhangana ( guhashya) iyo myitwarire mibi.

INSANGANYAMATSIKO YA: 5

# GUCUNGA ICYUMBA CY'UMUKOBWA NO GUKEMURA IBIBAZO BIREBANA N'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

## Iriburiro

Guhera tariki ya 28 z'ukwezi kwa Gicurasi mu mwaka wa 2014 hatangiye kwizihizwa umunsi mpuza mahanga w'imihango y'abagore n'abakobwa ifite isuku. Uyu munsi ngarukamwaka ugamije guca umuco wo guceceka no kwerekana akamaro kwita ku kwezi k'umugore n'umukobwa bigira mu kubaka ubushozi bwabo.

Hagendewe kuri raporo ya banki y'isi, nibura miliyoni 500 z'abagore n'abakobwa ntibabasha kubona ibikoresho by'isuku bakwifashisha igihe bari mu mihango. Kutagira ibikoresho nkenerwa byakwifashishwa mu gihe cy'imihango bituma abnyeshuri b'abakobwa basiba ishuri ibi bikagira ingaruka ku mitsindire yabo ndetse bikanabatera gusibira cyangwa guta ishuri. Mu Rwanda, iki kibazo cyatahuwe mu mwaka wa 2012 kuko Minisiteri y'Uburezi yatangije «Icyumba cy'umukobwa » mu mashuri hagamijwe gukora ubukangurambaga mu mashuri. Iyi gahunda yo kubaka icyumba cy'umukobwa kuri buri shuri yazamuye imitsindire yabo. Hashingiwe ku mibare yatangajwen'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibizamini bya Leta mu mashuri, mu mwaka wa 2016 abakobwa batsinze neza kurusha abahungu, ibi bikaba bitandukanye n'imyaka yari yabanje. Ku bakandida 41 240 bakoze ibizamini bya leta mu mashuri y'ubumenyi rusange, 89.5% nibo batsinze. Aba bakaba barimo abakobwa 57.5 % n'abahungu 42.5 % ( MINEDUC,2016).

Iyi nsanganyamatsiko ifite ingingo eshatu arizo icyumba cy'umukobwa, ushinzwe icyumba cy'umukobwa n'isuku mu gihe cy'imihango.

## Ingingo ya 1 Icyumba cy'umukobwa

Iyi ngingo ifte ibiganiro bitanu: Ikiganiro cya mbere kigaragaza akamaro k'icyumba cy'umukobwa ku ishuri. Ikiganiro cya kabiri cyibanda ku nshingano z'ishuri mu gushyiraho icyumba cy'umukobwa. Ikiganiro cya gatatu kigaragaza aho icyumba cy'umukobwa cyakagombye gushyirwa n'imiterere yacyo yatuma abafite ubumuga bakigeraho mu buryo buboroheye. Ikiganiro cya kane kigaragara ibyo icyumba

cy'umukobwa kigomba kuba cyujuje naho icya gatanu kikagaragaza ibyangombwa nkenerwa bigomba kuba biri mu cyumba cy'umukobwa.


# Ikiganiro cya 43 : Akamaro k'icyumba cy'umukobwa

## 43.1 intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije kwereka abanyeshuri akamaro k'icyumba cy'umukobwa.

## 43.2 Inkuru: Akamaro k'icyumba cy'umukobwa

Mu ihuriro rya mugitondo ku ishuri ryisumbuye rya Rubyiro, umuyobozi waryo yavuzeko bidatinze ishuri rizatangira kubaka icyumba cy'umukobwa. Iryo jambo ryashimishije abakobwa maze bakoma amashyi. Ku rundi ruhande ariko abahungu bo batangiye kwijujuta maze umwe muribo azamura ikiganza abaza umuyobozi w'ishuri ; « Ni mpamvuki mwibanze ku cyumba cy'umukobwa gusa? Abahungubo mubateganyiriza iki? Mbese twe ntitugikeneye?». Umuyobozi w'ishuri yabasobanuriye ko icyumba cy'umukobwa ari ingenzi kuberako abakobwa bacyisanzuriramo mu gihe cy'imihango bakanahakemurira n'ibindi bibazo byose bya kigore.



### 43.3 Ingingo ziganirwaho

- Kuki kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri ari ingenzi ?
- Mbese urabona kugira icyumba cy'umuhungu ari ingenzi?

### 43.4. Umukino

Mukine mwigana umukobwa uri kumwe na bagenzibe, hagaragaremo umwe muri abo bakobwa ababwira mugenzi wabo ko hari ibintu bidasanzwe biri ku ijipo ye. Nyuma uwo mukobwa yikebuke asange ari ikizinga cy'amaraso kiri ku ri iyo jipo maze yirukankire mu cyumba cy'umukobwa guhSindura kotegisi.

**Ubutumwa bw'ingenzi :**

Icyumba cy'umukobwa cyongerera umutuzo abanyeshuri b'abakobwa

### 43.5. Umukoro

Muri kilabu zanyu muganire ku mbogamizi ziterwa no kutagira icyumba cy'umukobwa.

## IKIGANIRO 44: Kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri


### 44.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kirafasha abanyeshuri kumva neza ko kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri ari inshingano z'ubuyobozi bw'ishuri.

### 44.2 Inkuru: Icyumba cy'umukobwa ku ishuri rya Gatoki

Igihe abagenzuzi b'uburezi basuraga ikigo cy'amashuri yisumbuye cya Gatoki babonye ko nta cyumba cy'umukobwa gihari babaza ubuyobozi bw'ishuri impamvu .Umuyobozi w'ishuri yababwiye ko nta mafaranga bafite yo kucyubaka bityo abagenzuzi baboneraho kwibutsa ubuyobozi bw'ishuri ko gushyira icyumba cy'umukobwa ku ishuri byari mu nshingano zabwo.Bagiriye inama umuyobozi w'ikigo yo gufatanya n'ababyeyi n'abandi bafatanyabikorwa kugira ngo gishobore kubakwa.Nyuma yaho, mu mezi atanu gusa, ikigo cy'amashuri yisumbuye cya Gatoki cyari kimaze kwiyubakira icyumba cy'umukobwa cyiza cyane.


Kubaka icyumba cy'umukobwa ni inshingano zanyu. Bityo rero turabagira inama yo gukora ibishoboka byose mukacyubaka.
Kuki ishuri ridafite icyumba cy'umukobwa?
Ntabwo dufite amafaranga ahagije yo kubaka icyumba cy'umukobwa


Hashize amezi atanu..
Ngiki icyumba cy'umukobwa!
ICYUMBA CY'UMUKOBWA
UBWIHERERO

### 44.3 Ibibazo byo kuganiraho

1. Icyumba cy'umukobwa gifite uruhare ku mitsindire y'umunyeshuri w'umukobwa?
2. Kugira ngo ishuri rishobore kubaka icyumba cy'umukobwa ryakwifashisha gute ababyeyi n'abaturage muri rusange?

### 44.4 Umukino

Uyu mukino uravuga ku mukobwa uri mu mihango ukeneye bitunguranye gukoresha icyumba cy'umukobwa kuko yari yiyanduje.Ariko kubera ko nta cyumba cy'umukobwa kiri ku ishuri yigira inama yo kujya mu rugo rw'abaturanyi kugira ngo bamufashe.Ariko kandi nta wundi muntu uri muri iyo nzu uretse umuzamu uzwiho gufata abakobwa ku ngufu.Umukobwa akimurabukwa yahise asubira ku ishuri ajya kumesera umwenda we w'ishuri mu bwiherero (umusarani) bw'abakobwa.

**Ubutumwa bw'ingenzi :**

Amashuri yose afite inshingano zo kugira icyumba cy'umukobWa.

### 44. 5 Umukoro

- Musure ibigo by'amashuri mwegeranye murebe ko bigira icyumba cy'umukobwa.
- Ganira na bagenzi bawe ibyiza byo kugira icyumba cy'umukobwa ku ishuri n'ibibi byo kutakigira

## Ikiganiro 45: Aho icyumba cy'umukobwa kigomba kuba kiri ku ishuri


### 45.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kirafasha abanyeshuri kwishimira uburyo icyumba cy'umukobwa cyabo cyubatse ahantu haboneye.

### 45.2 Inkuru: Icyumba cy'umukobwa kiza

Mu Ishuri Nderabarezi rya Rubyiro (TTC ) hari icyumba cy'umukobwa kiza cyane cyubatse ahantu hafite umutekano kandi hatuje.Kugera muri icyo cyumba biroroshye, hubahiriza ibirebana n'ubuzima bwite bw'abakobwa kandi horohera buri wese ndetse n'abafite ubumuga kuko nta mbogamizi

zihari. Abakobwa bishimira uburyo baba bamerewe neza iyo bakoresha icyo cyumba. Ugeze wese muri TTC Rubyiro yishimira ubwiza bw'icyo cyumba. Icyiyongera kuri ibyo ni uko abakobwa bamwe bo ku kigo cy'amashuri abanza cya Rubaya bahitamo kuza gukoresha icyo cyo kuri TTC Rubyiro kuko bo nta cyo bafite ku ishuri ryabo .




## 45.3 Ibibazo byo kuganiraho

1. Mukurikije uko mubyumva, muvuge ahantu heza mubona hakwiye gushyirwa icyumba cy'umukobwa ku ishuri.
2. Ese ni ngombwa ko kugera ku cyumba cy'umukobwa byitabwaho bigatunganywa neza? Kubera iki?

## 45.4 Umukino

Kina wigana umukobwa ugaragaza ko biruhije cyane ku bakobwa kugera aho icyumba cy'umukobwa cyubatse.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

Icyumba cy'umukobwa kigomba kuba gifite umutekano, kiri ahantu horoshye kugera kandi cyubahiriza ubuzima bwite bw'abakobwa.

### 45.5 Igikorwa

Musukure mu cyumba cy'umukobwa cyo ku ishuri ryanyu no mu nkengero zacyo.

## Ikiganiro cya 46: Ibipimo ngenderwaho by'icyumba cy'umukobwa


### 46.1 Intego y'ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumenya byimbitse ibipimo ngenderwaho by'icyumba cy'umukobwa.

### 46.2 Inkuru: Abahungu barasetse

Nyirakameza ni umunyeshuri mu ishuri ryisumbuye rya Karabiro. Bitunguranye, yanduje ikanzu ye kubera ko yari mu mihango. Ahita yerekeza mu cyumba cy'umukobwa koga no guhindura imyenda. Ku bw'amahirwe make, icyo cyumba cy'umukobwa nta bwogero gifite kubera ubuto bwacyo. Ahitamo gufata amazi, ibasi n'isabuni ajya kogera inyuma y'icyumba cy'umukobwa. Akirimo koga, bamwe mu bahungu barahanyura babona yambaye ubusa batangira kumusererereza. Nyirakameza bimutera ipfunwe. Asubira mu cyumba arira. Hari umukozi ushinzwe imyitwarire y'umukobwa wari hafi aho maze abibwira ubuyobozi bw'ishuri. Ubuyobozi bw'ishuri bwamwijeje ko bugiye kwagura icyo cyumba kugira ngo hashyirwemo ubwogero.




Nyirakameza, kuki urikurira? Wabaye iki?
Nagiye koga kubera ko nari nanduje ikanzu ariko kubera ko nta rwogero mu cyumba cy'umukobwa,
nahisemo kogera inyuma yacyo maze abahungu barandunguruka batangira no kunseka.
Mbega! Ihangane. Abo bahungu ntibagombaga gukora ibyo. Baraza guhanwa. Ariko ngomba no kubibwira ubuyobozi bw'ishuri kugira ngo burebe igisubizo mu buryo bwihuse bityo hatagira abandi bakobwa bahura n'ikibazo nk'iki.


Mu rwego rwo kwirinda ikibazo nk'iki mu gihe kizaza, reka tuvugurure icyumba cy'umukobwa gifite ibipimo ngenderwaho ndetse gifite ubwogero
Ibyo uvuga ni ukuri....
Reka tukivugurure vuba

### 46.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Gira icyo uvuga ku bipimo ngenderwaho n'ibisabwa ku cy'ucyumba cy'umukobwa

(ii) Ni ibihe bice by'ingenzi by'icyumba cy'umukobwa?

(iii) Ni izihe ngaruka zo kugira icyumba cy'umukobwa kitujuje ibipimo ngenderwaho?

### 46.4 Umukino

Mukine mugaragaza icyumba cy'umukobwa gikorerwamo ibindi bintu (Icyumba kigabanijemo ububiko n'akumba gato kagenewe abakobwa).

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Icyumba cy'umukobwa gikwiye kuba gifite $m^2$ 12 z'ububuso.
- Kigomba kuba gifite ahajya igitanda, ubwiherero n'ubwogero.
- Kigomba kuba kandi cyorohereza abafite ubumuga kukigeraho

### 46.5 Umukoro

Musure icyumba cy'umukobwa mu ishuri ryanyu, musuzume ibipimo ngemderwaho hanyuma mugeze ku buyobozi bw'ishuri ibyo mubona byakorwa.

## Ikiganiro cya 47: Ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa


### 47.1 Intego y'ikiganiro


Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumenya ibikoresho bikenewe mu cyumba cy'umukobwa.

### 47.2 Inkuru: Ibikoresho bike mu cyumba cy'umukobwa

Icyumba cy'umukobwa cyuzuje ibisabwa kigomba kuba gifite ibikoresho bikurikira: igitanda, amashuka, intebe ebyiri, ameza, amazi, isabuni, ibasi, amavuta yo kwisiga, impapuro z'isuku, Kotegisi, isume, umuswaro, agasanduku ko gushyiramo imyanda, ijerekani y'amazi, ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze (imiti igabanya ububabare) n'indorerwamo. Bitandukanye n'ibyo, abagize itsinda ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ishuri ryisumbuye rya Kareba babonye ko icyumba cy'umukobwa cy'ishuri ryabo kidafite ibikoresho

bikenewe. Biyemeza gukora ubuvugizi bahereye mu ishuri ryabo ndetse no mu gace kabakikije kugira ngo bakusanye ubushobozi bwo kugura ibikoresho bibura. Nyuma y'ubuvugizi, abagize itsinda ry'uburinganire n'ubwuzuzanye babonye amafaranga ahagije bagura ibikoresho byari bikenewe. Ubu, icyumba cy'umukobwa gifite ibikoresho byose bikenewe. Abakobwa bo mu Ishuri ryisumbuye rya Kareba bishimiye ko bafite Itsinda ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rikora neza.



## 47.3 Ibibazo byo kuganiraho

(i) Nk'abagize itsinda ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ishuri ryanyu, ni iki mwakora mu gihe icyumba cy'umukobwa cyanyu hari ibikoresho kibura?

(ii) Ni izihe ngaruka zo kubura ibikoresho mu cyumba cy'umukobwa?

(iii) Ni ibihe bikoresho by'ingenzi bigomba kuba biri mu cyumba cy'umukobwa?

## 47.4 Umukino

Mukine mugaragaza icyumba cy'umukobwa kitagira ibikoresho mu ishuri ryanyu.Abanyeshuri bagire icyo babivugaho.

### Ubutumwa bw'ingenzi

- Icyumba cy'umukobwa kigomba kugira ibikoresho bihagije.
- Hakenewe uruhare rugaragara rw'ababyeyi n'abaturage bose muri rusange mu gushyira ibikoresho mu cyumba cy'umukobwa.

## 47.5 Umukoro

Mukore urutonde rw'ibikoresho biri mu cyumba cy'umukobwa mu ishuri ryanyu.

# Ikiganiro cya 48: Ibiranga umuntu ushinzwe icyumba cy' umukobwa

## 48.1 Intego y' ikiganiro

Muri iki kiganiro abanyeshuri baziga ibiranga umuntu ushinzwe icyumba cy' umukobwa

## 48.2 Inkuru: Masoni yaratowe

Masoni ni mwarimukazi ku ishuri ryisumbuye rya Nkuba. Yashinzwe icyumba cy'umukobwa muri iryo shuri kubera ko yitonda, akaba umwizerwa, umuntu ukuze, ukunda abantu, wubashywe kandi wita ku bandi. Abakobwa bose bamwisanzuraho bakishimira kuvugana nawe. Ahora aha umwanya umuntu wese ushaka kumuvugisha kandi akagirira buri wese impuhwe n' urugwiro. Ahora agira inama abakobwa ku birebana n' ubuzima bwabo bw' imyororokere (harimo n' ibibazo by' imihango n' iby' isuku abakobwa bahura nabyo). Abakobwa bo kuri iryo shuri bishimira Masoni cyane nk' umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa bakamwita Anti Masoni.






## 48.3 Ingingo zo kuganirwaho

- Ni ibiki biranga umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa?
- Vuga unasobanure imico wishimira iranga umuntu ushinzwe icyumba cy' umukobwa ku ishuri ryanyu.

## 48.4 Umukino

Kina nk' umwarimukazi ufite imico n' imyitwarire mu kazi bikemangwa arimo gushakisha amajwi ngo azatorerwe kwita ku cyumba cy'umukobwa.

**Ubutumwa bw' ingenzi**

Umuntu ushinzwe icyumba cy' abakobwa agomba kurangwa n' impuhwe, ubwitonzi, ukuri, ubwenge, urukundo, icyubahiro no kwita ku bandi.

## 48.5 Umukoro

Vuga ku mico n' imyitwarire biranga umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa ku ishuri ryanyu.

# Ikiganiro cya 49: Inshingano z' umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa

## 49.1 Intego y' ikiganiro


Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumva inshingano z' umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa

## 49.2 Inkuru: Inshingano z'ushinzwe icyumba cy'umukobwa

Nyiramwiza ni umwarimukazi muri TTC Biraro. Abanyeshuri n' ubuyobozi bw' ishuri bamubonyemo umuntu mwiza wakwita ku cyumba cy'umukobwa. Yakiriye neza amakuru yo gushingwa icyumba cy'umukobwa, ariko agira impungenge z' uko atari asobanukiwe inshingano z' umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa. Umuyobozi w'ishuri yamwemereye kumufasha kumva inshingano ze amusobanurira ko azajya akora ibi bikurikira:

- Kumenya ko icyumba cy'umukobwa gisukuye buri gihe kandi kirimo ibikoresho bya ngombwa.
- Kwakirana urugwiro abakobwa bagana icyumba cyabagenewe.
- Kugira inama no gufasha abakobwa bagana icyumba cy'umukobwa.
- Kugirira ibanga abakobwa bagana icyo cyumba.
- Kugirira urugwiro, urukundo n' ubwuzu abakobwa bagana icyo cyumba.

Nyuma y' ibyo Nyiramwiza yashimishijwe no kuba yaramenyeshejwe inshingano ze nk' ushinzwe icyumba cy' umukobwa.




## 49.3 Ibibazo byo kuganiraho

- Ni izihe nshingano z' umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa ku ishuri?
- Ni iki wakora kugira ngo ufashe umuntu washinzwe icyumba cy'umukobwa kuzuza inshingano ze?

## 49.4 Umukino

Mukine mwigana inteko itora irimo gutegura amatora y' ushinzwe icyumba cy'umukobwa n' inshingano ze.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

- Umuntu ushinzwe icyumba cy'umukobwa agomba kuba yumva neza inshingano ze.
- Icyumba cy'umukobwa cyitaweho gifasha abakobwa kugira umutuzo n'ubwisanzure.

### 49.5 Umukoro

- Ubona ushinzwe icyumba cy'umukobwa yuzuza inshingano ze? Niba atazuzuza ni iki kibura?
- Ni iki wumva cyahinduka?

## Ingingo ya 3 Isuku mu gihe umukobwa ari mu mihango

Iyi ngingo isobanura uburyo bwo kunoza isuku mu gihe cy' imihango ikanigisha uburyo bwo kwita ku bikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa.

## Ikiganiro cya 50: Isuku y'umuntu ku giti ke

### 50.1 Intego y' ikiganiro


Iki kiganiro kigamije gusobanura akamaro k' isuku ikwiriye mu bihe by' imihango.

### 50.2 Inkuru: Afite impumpuro mbi

Biseruka ni inshuti y' amagara ya Nyirabyatsi. Bombi biga mu mwaka wa 5 mu rwunge rw' amashuri rwa Matafari. Umunsi umwe ubwo bari mu ishuri, Nyirabyatsi yumvise umunuko uva ku nshuti ye Biseruka wari umwicaye iruhande. Mu mwanya wo gukina Nyirabyatsi yihereranye Biseruka amubaza impamvu yanukaga. Biseruka yamusibije ko igihe cy' imihango agira umunuko atazi impamvu yawo. Mucuti we yamusubije ko uwo munuko ushobora kuba uturuka ku isuku nke. Yamugiriye inama yo kwita ku isuku ye mu gihe cy' imihango. Nyirabyatsi yabwiye Biseruka ko mu gihe cy' imihango ari ngombwa kwita kuri ibi bikurikira:

- Kwiyuhagira byibuze kabiri ku munsi.
- Guhindura kotegisi byibura kabiri ku minsi.
- Kumesa no guhindura amakariso buri munsi.
- Kogosha insya kenshi.
- Kwirinda koga mu gitsina akoresheje isabune cyangwa ibinyabutabire.

Mu gihe cy' imihango yakurikiyeho, Biseruka yakurikije inama yagiriwe n' inshuti ye maze abona impinduka.Yarishimye cyane kandi ashimira Nyirabyatsi.


Kuki urimo kunuka? Byakugendekeye bite?
Ndakubwiza ukuri, ibi bimbaho buri gihe iyo ndi mu mihango!....Nanjye sinzi impamvu??!!!!


Buriya rero iyo abakobwa bari mu mihango, bagomba kwiyuhagira byibuze kabiri ku munsi, bagahindura kotegisi n' amakariso kenshi bagendeye ku bwiyongere cyangwa kugabanuka kw' imihango…nukurikiza ibi nkubwiye uzabona impinduka!!!

### 50.3 Ingingo ziganirwaho

- Ni kuki ari ngombwa kwigirira isuku?
- Ni kuki abakobwa bagomba kwita ku isuku yabo mu gihe cy' imihango?

### 50.4 Umukino

Mukine mugaragaza ibibazo biterwa no kwigirira isuku nke mu gihe cy' imihango munatange inama ku buryo bwo kwita ku isuku munagaragaze akamaro kayo.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

Kwigirira isuku mu gihe cy' imihango ni ingenzi ku buzima.

### 50.5 Umukoro

Muzasure andi mashuri mukangurire abanyeshuri baho akamaro ko kwigirira isuku mu gihe cy' imihango.

## Ikiganiro cya 51: Isuku y' ibikoresho byo mu cyumba cy' umukobwa


### 51.1 Intego y' ikiganiro

Iki kiganiro kigamije gufasha abanyeshuri kumenya uburyo bwo kwita ku bikoresho byo mu cyumba cy' umukobwa.

### 51.2 Inkuru: Isuku y'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa

Nyirabyiruka ni umwarimukazi ushinzwe icyumba cy' umukobwa mu ishuri ryisumbuye rya Byuma. Umunsi umwe yinjiye mu cyumba cy' umukobwa asanga ibase idasukuye, igitambaro cy' amazi gitose kandi kinuka, ibitanda bidashashe, amashuka n' ibiringiti byandujwe n' amaraso ndetse na za kotegisi zandagaye hose mu cyumba. Yararakaye cyane maze ahamagara abakobwa bose mu nama abasobanurira uko bagomba kwita ku cyumba cy'umukobwa. Yababwiye ko ibikoresho byo mu bwogero nk' ibase n' igitambaro cy' amazi bigomba gusukurwa neza kandi bikabikwa mu kabati, ko ibitanda n' amashuka bigomba guhorana isuku kandi bigasaswa neza, ko kotegisi zakoreshejwe

zigomba kujugunywa ahagenewe imyanda kandi utubati tubikwamo ibikoresho tugahorana isuku kandi tugafungwa. Abakobwa bamwemereye kugirira isuku ibikoresho byo mu cyumba cyabo.






## 51.3 Ingingo ziganirwaho

(i) Ni gute mwita ku bikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa ku ishuri ryanyu?

(ii) Ni akahe kamaro k' isuku ihagije mu cyumba cy'umukobwa?

(iii) Ni izihe ngaruka z' isuku nke mu mu cyumba cy'umukobwa?

## 51.4 Umukino

Mwerekane umukino wigisha uko ibikoresho byo mu cyumba cy' umukobwa bigomba gushyirwa mu mwanya yabyo.

**Ubutumwa bw' ingenzi:**

Ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa bigomba guhorana isuku kandi bigashyirwa mu mwanya wabyo.

## 51.5 Umukoro

Muzasure, mwitegereze kandi musukure ibikoresho byo mu cyumba cy' umukobwa ku ishuri ryanyu.

# IBITABO BYIFASHISHIJWE


Chapell D. and Di Martino V., (1998). Violence at Work, Geneva, ILO.

Committee on Communications, American Academy of Pediatrics. Sexuality, contraception and the media. Pediatrics (1995);95: 298-300.

Baxter RL, De Riemer C, Landini A, et al. A content analysis of music videos. J Broadcast Electronic Media (1985);29: 333-340.

Becker et al., (2008) Sexual problems of sexual assault survivors. Women & Health Volume 9, Issue 4.

Brown, JD, Greenberg BS, Buerkel-Rothfuss NL. Mass media, sex, and sexuality. Adolesc Med (1993);4(pt 1): 511-552.

Brown JD, Steele JR. Sex and the mass media. Menlo Park (CA): Kaiser Family Foundation; (1995).

Brown JD, White AB, Nikopoulou L. Disinterest, intrigue, resistance: early adolescent girls' use of sexual media content. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 177-195.

Brown JD, Newcomer SF. Television viewing and adolescents' sexual behavior. J Homosex (1991);21: 77-91.

Centers for Disease Control and Prevention (CDC). Current trends in premarital sexual experience among adolescent women -United States, (970-1988). MMWR Morb Mortal Wkly Rep (1991);39(51-52): 929-932.

CDC. Trends in sexual risk behavior among high school students -United States, 1991-1997. MMWR Morb Mortal Wkly Rep 1998;47(36): 749-752.

CDC. Trends in sexual risk behavior among high school students -United States, 1990, 1991 and 1993. MMWR Morb Mortal Wkly Rep 1995;44: 124, 131-132.

Comstock G. Television and the American Child. New York (NY): Academic Press; (1991).

Fabes RA, Strouse JS. Perceptions of responsible and irresponsible models of sexuality: a correlational study. J Sex Res 1987;23: 70-84

Fleming M. Healthy youth 2000: a mid-decade review. Chicago (Ill): American Medical Association, Dept of Adolescent Health; (1996).

Gahongayire, L. (2012), "Combating gender based violence in Rwanda", Interna-

tional Journal of Development and Sustainability, Vol.1 No. 2, pp. 417-436

Greenberg BS, Siemicki M, Dorfman S, et al. Sex content in R-rated films viewed by adolescents. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 45-58.

Greenberg BS, Linsangan R. Gender differences in adolescents' media use, exposure to sexual content and parental mediation. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfus NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 134-194.

Greenberg BS. Race differences in television and movie behaviors. In: Greenberg Bs, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 145-152.

Grube JW, Wallack L. Television beer advertising and drinking knowledge, beliefs, and intentions among schoolchildren. Am J Public Health (1994);84: 254-259.

Grube JW, Madden PA, Friese B. The effects of television alcohol advertising on adolescent drinking. Poster session presented at the annual meeting of the Research Society on Alcoholism, Washington, DC, June (1996).

Heppner and Lee, (2002) Problem solving appraisal and psychological adjustment. 40.Handbook of Positive Psychology, Oxford University Press, New York p. 288-298.

Huston AC, Wartella E, Donnerstein E. (1998) Measuring the effects of sexual content in the media: a report to the Kaiser Family Foundation. Menlo Park (CA): Kaiser Family Foundation.

diseases. Journalism Q 1989;66: 347-352.

Hofferth SL, Kahn JR, Baldwin W. Premarital sexual activity among U.S. teenage women over the past three decades. Fam Plann Perspect (1987);19: 46-53.

Kunkel D, Cope KM, Maynard-Farinola WJ, et al. Sex on TV: content and context. Menlo Park (CA): Kaiser Family Foundation; 1999.

Leach, Fiona, Máiréad Dunne and Francesca Salvi, (2013) *A global review of current issues and approaches in policy, programming and implementation responses to School-Related Gender-Based Violence (SRGBV) for UNESCO Education Sector,* University of Sussex, .

Louis Harris & Associates, (1988) Inc. Sexual material on American network television during the 1987-88 season. New York (NY): Planned Parenthood Federation of America; .

Lowry DT, Towles DE. Prime time TV portrayals of sex, contraception, and venereal Buerkel-Rothfuss NL, Strouse JS, Pettey G, et al. Adolescents' and young adults' exposure to sexually oriented and sexually explicit media. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 99-112.

Lowry DT, Towles DE. Soap opera portrayals of sex, contraception, and sexually transmitted diseases. J Commun (1989);39: 76-83.

Moore KA, Miller BE, Glei D, et al. (1995) Adolescent sex contraception and childbearing: a review of recent research. Washington (DC): Child Trends.

Ozer EM, Brindis CD, Millstein SG, et al. (1998) America's adolescents: are they healthy? San Francisco: University of California-San Francisco, National Adolescent Health Information Center.

Rich M, Woods ER, Goodman E, et al. Aggressors or victims: gender and race in music video violence. Pediatrics (1998);101(pt 1): 669-674.

School –Related Gender Based- Violence(SRGBV) UNGEI- UNESCO Discussion Paper/ November 2013

Schuster MA, Bell RM, Kanouse DE. The sexual practices of adolescent virgins: genital sexual activities of high school students who have never had vaginal intercourse. Am J Public Health 1996;86: 1570-1576.

Silverman-Watkins LT, Sprafkin JN. Adolescents' comprehension of televised sexual innuendoes. J Appl Dev Psychol 1983;4: 359-369.

Unterhalter, Elaine, et al., *Interventions to enhance girls' education and gender equality: a rigorous review of literature*, UK Department for International Development, (forthcoming) October 2013.

Vicki Ford, (2005). Overcoming Sexual Problems - A Self-Help Guide.

Walsh-Childers K, Brown JD Adolescents' acceptance of sex-role stereotypes and television viewing. In: Greenberg BS, Brown JD, Buerkel-Rothfuss NL, eds. Media, sex and the adolescent. Cresskill (NJ): Hampton Press; (1993): 117-133.

Wingood GM, DiClemente RJ. Viewing sexually explicit and violent television and its impact on pregnancy and sexual risk taking among female adolescents. Presented at the annual meeting of the American Public Health Association, Washington, DC, November 15-19, 1998.